



IMIGAMBI Y'UMURYANGO

FPR-INKOTANYI

2024 - 2029



UBUMWE

DEMOKARASI

AMAJYAMBERE

I. INTANGIRIRO RUSANGE	7
II. IBYAGEZWEHO 2017-2024	13
1. IBYAGEZWEHO MU BUKUNGU	14
2. IBYAGEZWEHO MU MIBEREHO MYIZA	20
3. IBYAGEZWEHO MU MIYOBORERE N'UBUTABERA	22
III. IBIKORWA BITEGANYIJWE 2024-2029	27
1. INKINGI Y'UBUKUNGU	28
2. INKINGI Y'IMIBEREHO MYIZA	39
3. INKINGI Y'IMIYOBORERE N'UBUTABERA	45
IV. UMWANZURO	50



KAGAME Paul
PEREZIDA W'UMURYANGO FPR - INKOTANYI

”

Isomo rikomeye Igihugu cyacu cyize ni uguhindura ibibazo byacu amahirwe, kandi tugakoresha bike dufite kugira ngo tugere kuri byinshi. Nta kintu Abanyarwanda tudashobora gutsinda binyuze mu bumwe bwacu, gukunda umurimo unoze, no kwihanganira ibyo duhura nabyo byose.

~Nyakubahwa KAGAME Paul,
Perezida w'Umuryango FPR-INKOTANYI.
(7 Mata 2023).





INTANGIRIRO RUSANGE

Umuryango FPR-INKOTANYI wagaragaje ko ufite ubushake n'ubushobozi byo gukorera Abanyarwanda ubaganisha ku mibereho myiza n'iterambere rirambye. Ibi byagezweho hagendeye ku ntego-remezo icyenda z'Umuryango FPR-INKOTANYI zikurikira:

INTEGO-REMEZO Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI



Kugarura **Ubumwe**
bw'Abanyarwanda



Kubumbatira **ubusugire**
bw'Igihugu n'**umutekano**
w'abantu n'ibintu



Kubaka ubuyobozi
bushingiye kuri
demokarasi



Kubaka **ubukungu**
bushingiye ku **mutungo**
bwite w'Igihugu



Guca umuco wa ruswa,
gutonesha, imicungire
mibi y'umutungo
w'Igihugu n'izindi ngeso
zijyanye na byo



Kuzamura **imibereho**
myiza y'Abaturage



Guca burundu
impamvu zose zitera
ubuhunzi no **gucyura**
impunzi



Guhananira **umubano**
hagati y'u Rwanda n'ibindi
bihugu ushingiyeye ku
bwubahane, ubufatanye
n'ubuhahirane;



Kurwanya **Jenoside**
n'ingengabitekerezo
yayo

Mu myaka irindwi ishize (2017-2024), u Rwanda rwakomeje gutera imbere ku buryo bushimishije nubwo icyorezo cya COVID-19 cyahungabanyije isi yose bigatuma umuvuduko w'iterambere ry'ubukungu ugabanuka. Ku bufatanye n'Abanyarwanda hamwe n'inzego zitandukanye hafashwe ingamba Igihugu kibasha guhangana n'ingaruka z'icyo cyorezo, hamwe n'ibindi bibazo byari byugaraye Igihugu muri icyo gihe, harimo n'ibiza byibasiye Intara y'Iburengerazuba n'iy'Amajyaruguru.

Incamate y'ibyakozwe 2017-2024:

MU UBUKUNGU: Umuryango FPR-INKOTANYI wateje imbere ubukungu bushingiye ku miterere no ku mutungo bwite by'Igihugu, cyane cyane ku w' Abanyarwanda ubwabo. Niyo mpamvu hahanzwe imirimo ibyara inyungu, hagamijwe kuzamura ubukungu bushingiye kuri serivisi n'ubumenyi. Inganda zatejwe imbere maze ibyoherezwa mu mahanga n'ibikorwaremezo bizamura ubuhahirane. Habaye kuzamura umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi mu bwinshi no mu bwiza; umutungo kamere ubyazwa umusaruro, hanabungabungwa ibidukikije.

MU IMIBEREHO MYIZA: Umuryango FPR-INKOTANYI wateje imbere uburezi, ubuzima, abatishoboye, siporo, umuco, n'imyidagaduro. Hongerewe ibikorwa remezo by'amashuri hiryana no hino mu Gihugu. Umubare w'abarimu wariyongereye cyane ndetse n'imibereho ya mwarimu ikomeza kwitabwaho. Mu buzima, hashyizweho gahunda zigamije kwegereza serivisi z'ubuzima abaturage, hubakwa ibitaro n'amavuriro atanga ubuvuzi bwo ku rwego rwo hejuru ku ndwara zitandukanye nka kanseri, amaso, gusimbuza impyiko n'izindi. Hubatswe kandi uruganda rukora inkunga rwa BionTech.

MU IMIYOBORERE N'UBUTABERA: Umuryango FPR-INKOTANYI wakomeje kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda no gutoza indangagaciro n'umuco w'u Rwanda binyuze mu Itorero. Havugururwe amategeko yifashishwa n'ubucamanza hagamije kuyajyanisha n'igihe no kurushaho kubanisha neza Abanyarwanda no gukemura ibibazo n'amakimbirane mu muryango binyuze mu buryo bwo kwishakamo ibisubizo bushingiye ku muco wacu. Hakomeje kubungabunga ibimenyetso bya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994 no gukaza ingamba zo gukurikirana no guhana abakoze ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ndetse n'abafite ingengabitekerezo ya Jenoside.



Incamake y'ibikorwa biteganyijwe 2024-2029:

Hashingiwe ku bitekerezwa byatanzwe n'inzego z'Umuryango kuva ku mudugudu kugeza ku rwego rw'Igihugu, ndetse n'Abanyamuryango baba mu mahanga, muri iyi myaka itanu iri imbere (2024-2029), Umuryango FPR-INKOTANYI uzarushaho kwihutisha ibi bikurikira:

Mu BUKUNGU hagamiywe iterambere rirambye, rigera kuri buri Munyarwanda wese, rishingiye ku ishoramari, ku bumenyi no ku mutungo kamere kandi hifashishijwe ikoranabuhanga rigezweho, hibandwa kuri izi gahunda zikurikira:

- Kuvugurura ubuhinzi n'ubworozi hagamiywe kongera umusaruro no kwihaza mu biribwa hongerwa agaciro n'ubwiza bw'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi hagamiywe isoko;
- Guteza imbere inganda, ubucuruzi no guhanga imirimo hibandwa ku bagore n'urubwiruko;
- Kubungabunga ibidukikije n'umutungo kamere hatezwa imbere imicungire y'amashyamba mu buryo burambye, no kunoza imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka;
- Guteza imbere ubwikorezi bwo ku butaka, mu mazi no mu kirere ndetse no kunoza serivisi zo gutwara abantu n'ibintu hibandwa ku buryo butangiza ibidukikije;
- Gukomeza iterambere ry'imijyi n'icyaro, hitabwa ku miturire ijyanye n'ubushobozi bw'Abanyarwanda;
- Kugeza amashyamba n'amazi meza ahagije kandi ahoraho kuri bose no kububakira ibikorwa remezo by'isukura
- Gukomeza guteza imbere urwego rw'imari, ubukerarugendo n'ishoramari hanzwa serivisi

Mu MIBEREHO MYIZA, hagamiywe kugira Umunyarwanda ufite ubuzima bwiza, ubumenyi n'ubushobozi bwo kwiteza imbere no guteza imbere Igihugu cye mu muryango utekanye. Ni muri urwo rwego, hazakorwa ibi bikurikira:

- Kongera imbaraga mu gutanga uburezi bufite ireme kandi bugera kuri bose binyuze mu kongera umubare n'ubushobozi by'abarimu, integanyanyigisho, imfashanyigisho ndetse n'ibikorwa remezo birimo iby'ikoranabuhanga n'ibifasha abafite ubumuga;
- Guteza imbere ubushakashatsi muri za kaminuza, amashuri makuru n'ibindi bigo, hagamiywe guteza imbere ubukungu bushingiye ku bumenyi;
- Guteza imbere ikoreshwa ry'ikoranabuhanga muri kaminuza hitabwa ku masomo ya siyansi n'imibare; na gahunda zijyanye n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo mu Rwanda no mu mahanga, hibandwa ku bumenyi n'ikoranabuhanga rigezweho n'indimi;

- Kongera serivisi z'ubuzima zifite ireme, zirimo n'izisaba ubuhanga bwihariye kandi zigera kuri bose, no kongera ubushobozi bw'abakozi bo mu nzego z'ubuzima, hitabwa ku gukoresha ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi;
- Gukumira no kubaka ubushobozi bwo guhangana n'indwara zitandukanye harimo n'ibyorezo, hanatezwa imbere ubuvuzi bw'indwara zihariye no gushyigikira abashoramari n'ibigo bigamije guteza imbere inganda zikora imiti n'ibikoresho byifashishwa mu buvuzi;
- Kurwanya igwingira n'imirire mibi, hatezwa imbere imbenezamukire y'abana bato n'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwabo.

Mu MIYOBORERE N'UBUTABERA, hazakomezwa kubaka Igihugu kigendera ku mategeko, kizira ruswa n'akarengane, gifite imiyoborere idaheza kandi ishingiyeye ku muturage, gifite inzego zishoboye, zitanga serivisi zinoze kandi zihutisha iterambere. Ni muri urwo rwego, hazakorwa ibi bikurikira:

- Kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda hamwe n'umuco wo gukunda Igihugu n'uw'ubwitange, ubwizerane n'ubudaheranwa binyuze muri gahunda ya Ndi Umunyarwanda n'izindi;
- Guteza imbere imiyoborere idaheza kandi ishingiyeye ku muturage, no kubaka inzego zishoboye kandi zitanga serivisi zinoze;
- Kubaka Igihugu kigendera ku mategeko, cyubahiriza uburenganzira bwa muntu kizira ruswa n'akarengane, kizira ihohotera cyane cyane irikorera abagore, abana n'urubyiruko hagamijwe ubutabera buhamye, bwunga kandi bufitwe icyizere;
- Gukomeza kurwanya Jenoside, ingengabitekerezo yayo n'amacakubiri ashobora kuyihembera no gukomeza kumenyekanisha Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994;
- Kubaka Igihugu kibanye neza n'amahanga, cyizewe kandi gifite ijamba mu ruhando rw'amahanga;
- Kubaka inzego z'umutekano zikomeye zihabwa ubushobozi bugezweho buzifasha gukomeza kubumbatira ubusugire bw'Igihugu no kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu binyuze mu bufatanye n'imikoranye n'abaturage;
- Kongera imbaraga mu guteza imbere uburinganire hagati y'abagore n'abagabo mu nzego zose zifatirwamo ibyemezo, Abanyarwanda bahabwa amahirwe angana, hanatezwa imbere umuco wo kuzamura abafite intege nke.





IBYAGEZWEHO 2017-2024

O. INTANGIRIRO

- Mu myaka irindwi ishize u Rwanda rwakomeje gutera imbere ku buryo bushimishije nubwo icyorezo cya COVID-19 cyahungabanyije isi yose bigatuma umuvuduko w'iterambere ry'ubukungu ugabanuka.
- Ku bufatanye n'Abanyarwanda hamwe n'inzego zitandukanye hafashwe ingamba zatumye ubukungu, imibereho myiza y'abaturage, imiyoborere n'ubutabera bikomeza gutera imbere, no kutibasirwa cyane. Ibi byatumye Abanyarwanda babasha guhangana n'ingaruka z'icyorezo cya COVID-19, hamwe n'ibindi bibazo byari byugarije igihugu muri icyo gihe.
- Ibi byagaragaje ko politiki nziza y'Umuryango FPR-INKOTANYI yatanze umusaruro igizwemo uruhare n'abaturage, urwego rw'abikorera hamwe n'izindi nzego.



1. IBYAGEZWEHO MU BUKUNGU



1.1. Guhanga imirimo ibyara inyungu, hagamijwe kuzamura ubukungu no kurandura ubukene

- Igipimo cy'imirimo ihangwa buri mwaka cyagiye cyiyongera ku buryo bushimishije nubwo mu gihe cyo guhangana na COVID-19 byabaye ngombwa ko hafatwa ingamba zo kurengera ubuzima bw'abaturage, ibikorwa bimwe mu bukungu bigahagarikwa by'agateganyo. Kugeza mu mwaka wa 2024 hahanzwe imirimo igeri kuri 1,200,000 ihwanye na 80% y'iyari yarateganyijwe.
- Hakomeje kuzamurwa umubare w'abanyeshuri biga amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro, kandi abakoresha abarangije muri aya mashuri bakomeje kwishimira ubushobozi bafite.
- Imishinga 9,045 y'urubiruko rwize imyuga yahawe inkunga y'ibikorwa by'ibanze kugira ngo bashobore gutangira ibikorwa bibyara inyungu.
- Hakomeje gahunda zo gufasha imishinga y'urubiruko aho imishinga 38,102 yatewe inkunga.

- Hahuguwe amakoperative 2,239 ku miyoborere n'imicungire y'umutungo wa koperative. Imirenge SACCOs yashyiriweho ikoranabuhanga (Core Banking System) rigezweho riyaifasha gukora neza.



1.2. Guteza imbere imijyi, icyaro n'imyubakire, hagamijwe imibereho myiza ya bose

- Havuguruwe igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka ku rwego rw'igihugu n'igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali kandi byombi birimo gukoreshwa.
- Hubatswe Imidugudu 87 mishya bituma imiryango y'Abanyarwanda 17,595 ituzwa neza ivanwa ahantu hashoboraga gushyira ubuzima bwabo mu kaga.
- Amashanyarazi yagejejwe ku miryango 2,629,673 (76.3%) ivuye kuri 931,552 (34.4%) muri 2017 mu gihe intego ya 2024 yari ingo 3,312,743 (100%).
- Hubatswe inganda 7 zitunganya amazi bituma ingano y'amazi ku munsu iva kuri meterokibe 182,120 muri 2017 igera kuri 329,652 ku munsu, mu gihe intego yari meterokibe 303,120. Ubu abaturage bagerwaho n'amazi meza bagera kuri 82%.
- Hashyizweho amatara ku mihanda ifite uburebure bwa km 2,185, mu gihe intego yari Km 2,373 muri 2024, mu Mujyi wa Kigali imihanda ifite amatara ni km 441 naho mu zindi ntara ni km 1,744 harimo ibice byahawe umwihariko nka Pindura-Bweyeye, Kitabi-Ntendezi n'imirenge 7 yo mu Karere ka Nyaruguru.
- Mu kunoza serivisi zo gutwara abantu n'ibintu hongerewe imihanda indi iragurwa. Mu mujyi wa Kigali, haguwe umuhanda uva mu mujyi ukagera Nyabugogo n'umuhanda Kanogo-Rwandex-Prince House.
- Haguzwe imodoka magana abiri (200) zo gutwara abagenzi mu mijyi, hanongerwa ibyerekezo by'imodoka zitwara abagenzi mu Ntara, biva kuri km 13,932 muri 2017 bigera kuri km 14,107 muri 2024.



1.3. Guteza imbere inganda, ibyoherezwa mu mahanga n'ibikorwa remezo

- Ku bufatanye n'Abikorera, hubatswe inganda nshya eshatu (3) zikora imiti n'inkingo ari zo APEX Biotech, Cooper-Pharma Africa na BioNTech.
- Hubatswe kandi uruganda rukora inzitiramubu, inganda nshya esheshatu (6) zikora ibikoresho by'ubwubatsi (sima, ibyuma n'insinga z'amashanyarazi), Inganda esheshatu (6) zikora ibikoresho byo gufunyikamo, inganda nshya 27 zikora imyenda, inganda 563 zitunganya ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi ziri hirya no hino mu Gihugu, uruganda rukora amata y'ifu (Milk Powder Plant) mu Karere ka Nyagatare n'uruganda rukora ifumbire mu Karere ka Bugesera.

- Mu korohereza abikorera kohereza ibicuruzwa mu mahanga, kuva 2017 kugera mu Kwakira 2023, binyuze muri Banki y'Iterambere y'u Rwanda (BRD), abikorera bohereza ibicuruzwa mu mahanga bahawe inyunganizi isaga miliyari esheshatu z'amafranga y'u Rwanda (6,172,116,643 FRW).
 - Hubatswe imihanda ya kaburimbo ihuza Uturere dutandukanye igera ku burebure bwa km 1,639 mu gihe intego yari Km 1,745 muri 2024. Muri icyo mihanda harimo: Kagitumba-Kayanza-Rusumo (km 208), Huye-Kitabi (km 53), Sonatube-Gahanga-Akagera (km 13), Base-Rukomo (km 51), Nyagatare-Rukomo (km 73), Huye-Kibeho (km 66), Kibugabuga-Shinga-Gasoro (km 47), Rubavu-Gisiza (km 19), Rubengera-Rambura (km 15) na Nyagatare-Karama (km 30).
 - Murwego rwo kugeza umusaruro ku isoko, hubatswe kandi hanasanwa imihanda mihahirano (feeder roads) ifite km 4,136, mu gihe intego yari Km 5,145 muri 2024.
- Hubatswe imihanda mishya ya kaburimbo ireshya na km 237 mu Mujyi wa Kigali,
- imijyi iwunganira n'indi mijyi mito. Imwe mu mihanda yubatswe mu Mujyi wa Kigali harimo Nyabugogo-Gatsata, Rwandex-Prince House, Nyamirambo-Rebero-Nyanza, Kagugu-Batsinda-Nyacyonga, Downtown-Yamaha; Ruliba-Karama-Nyamirambo n'iyindi. Mu mijyi umunani yunganira Umujyi wa Kigali n'indi mijyi hubatswe imihanda mu turere twa Nyagatare, Karongi, Ruhango, Ngoma, Kayanza, Kirehe, Musanze, Rubavu, Muhanga, Huye, Rusizi, Bugesera n'ahandi.
- Ikibuga cy'indege cya Kanombe (KIA) cyaravugururwe, icya Kamembe kirasanwa. Igice
- cya 1 cy'ibikorwa by'ikibuga cy'indege cya Bugesera kigizwe n'inzira z'indege
- Hubatswe icyambu kidakora ku mazi (dry port) ari cyo Kigali Logistics Platform, ubu
- kikaba gikora. Icyambu cya Rubavu nacyo cyararangiyeye.
- Hubatswe amasoko 7 ya kijyambere agamije guteza imbere ubucuruzi
- bwambukiranya imipaka: Rusizi, Rubavu, Karongi, Cyanika, Nyamasheke, Rusumo na Bugarama.



1.4. Guteza imbere ubukungu bushingiye kuri serivisi n'ubumenyi

- Mu kwegereza Abanyarwanda bose serivisi z'imari hakoreshejwe ikoranabuhanga, ijanisha ry'Abanyarwanda bagerwaho na serivisi z'imari ryavuye kuri 89% muri 2017 rigera kuri 93% muri 2023.
- Ingano y'ihanahana ry'amafaranga hakoreshejwe terefoni zigendanwa yikubye inshuro enye iva kuri Miliyoni 251 muri 2017, igera kuri Miliyoni 1,090 muri 2023.
- Agaciro k'amafaranga yishyurwe hakoreshejwe terefoni zigendanwa kikubye inshuro cumi n'ebyiri, aho kavuye kuri Miliyari 1,384 z'amanyarwanda muri 2017 kakagera kuri Miliyari 16,664 muri 2023.

- Hashyizweho Ikigega Nzahurabukungu (Economic Recovery Fund: ERF) cyo gushyigikira ibikorwa by'ubucuruzi byagizweho ingaruka n'icyorezo cya COVID-19, kugira ngo bishobore gukomeza no kurinda imirimo yashoboraga gutakara. Icyo kigega cyashyizwemo miliyoni Magana ane na mirongo itanu na zirindwi z'amadolari y'Amerika (USD 457M). Icyiciro cya mbere (USD 100 M) cyafashije amahoteri 143, ibigo 2 byakira inama, ibigo bikora imirimo y'ubucuruzi, n'ubwikorezi, n'ibigo 68 by'amashuri. Icyiciro cya kabiri (USD 357M) kizakomeza gufasha ishoramari (Investments), ibikoresho/imishahara (Working Capital) n'ingwate zitangwa na BDF (Guarantee) ku mishinga y'ubucuruzi (2021-2028).
- Hashyizweho ikigega Ejo Heza mu mwaka wa 2018 aho abantu 3,331,246 bamaze kwiwandikisha. Ubu umubare w'abantu bizigamira ku buryo buhoraho muri Ejo Heza ugeze kuri 2,817,009 bafite ubwizigame bugeze kuri Miliyari 52.6 z'amafaranga y'u Rwanda.
- Ingoro ndangamurage zitandukanye zarasanwe zirimo Ingoro y'Amateka y'Urugamba rwo kubohora Igihugu iherereye ku Mulindi (Gicumbi), Ingoro y'Amateka y'Imibereho y'Abanyarwanda mu Karere ka Huye, Ingoro y'Umurage yitiriwe Richard Kanda iherereye mu Karere ka Nyarugenge, Ingoro y'Umurage y'Ubugeni n'Ubuhanzi iherereye i Kanombe mu Karere ka Kicukiro. Hanubatswe Ingoro y'Umurage y'Urugamba rwo guhagarika Jenoside iherereye ku Nteko Ishinga Amategeko.
- Nubwo icyorezo cya COVID-19 cyabangamiye cyane urwego rw'ubukerarugendo, mu mwaka wa 2022, ubukerarugendo bwinjije Miliyoni 620 USD. Kuva muri Mutarama 2023 kugeza mu Kwakira 2023, ubukerarugendo bushingiye ku kwakira inama mpuzamahanga bwinjije Miliyoni 95 USD. Uru rwego rurimo kugenda ruzahuka ku buryo bwihuse bitewe ahanini n'ingamba zashyizweho zijyanye no gukomeza kureshya ba mukerarugendo (nka Visit Rwanda) no kwakira inama mpuzamahanga hatangwa serivisi zinoze zituma u Rwanda rwifuzwa gukorerwamo ubukerarugendo. Mu guteza imbere no kubyaza umusaruro ubuhanzi, hashyizweho ishambi rishinzwe guteza imbere filime (Rwanda Film Office).
- Abahanzi ba muzika 334 harimo 124 b' Abanyarwanda na 210 b'abanyamahanga babonye umusaruro ukomoka ku mutungo bwite mu by'ubwenge (loyalty fees).
- Ku bufatanye n'Abikorera hubatswe ibikorwa remezo byo kwakira inama mpuzamahanga n'imyidagaduro harimo Kigali Arena (BK Arena), Kigali Golf club, hanongerwa ubushobozi Intare Conference Arena.
- Mu bijyanye no kubaka ubushobozi bw'urubyiruko mu ikoranabuhanga, imishinga y'itumanaho 359 yatewe inkunga. Umubare w'abahuguwe ku mutekano w'ikoranabuhanga (cyber security) ugeze kuri 200.
- Hashyizweho ishuri "Rwanda Coding Academy" aho abagera kuri 58 barangije kwiga. Iri shuri ririmo abanyeshuri barenga 270 rikaba ritanga amasomo agezweho mu gukoresha ikoranabuhanga rya mudasobwa.
- Hashyizweho gahunda y'Intore mu Ikoranabuhanga-Digital Ambassadors Program igamije guhugura Abanyarwanda mu ikoranabuhanga ry'ibanze. Kugeza ubu, hari Intore mu Ikoranabuhanga zigera ku 1,081 ziri mu tugali dutandukanye, hamwe n'abagenzuzi (supervisors) b'Intore mu Ikoranabuhanga 54.
- Abantu bafite ubumenyi mu ikoranabuhanga bageze kuri 35% muri 2023 bavuye ku 9% muri 2017.

- Serivisi za Leta zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga zirenga 684 zivuye kuri 155 muri 2017; Intego ni uko serivisi zose zitangwa hakoreshajwe ikoranabuhanga.
- Gukwirakwiza interineta hira mu gihugu hose bigeze kuri 78% bivuye kuri 39.7% muri 2017.



1.5. Kuzamura umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi, umutungo kamere no kubungabunga ibidukikije

Ubuhinzi n'ubworozi

- Umusaruro mbumbe ukomoka ku buhinzi n'ubworozi wariyongereye uva kuri Miliyari 2,027 z'amafaranga y'u Rwanda muri 2017 ugera kuri Miliyari 4,425 muri 2023 mu gihe intego muri 2024 yari Miliyari 3,888.
- Ingano y'ifumbire mvaruganda yakoreshejwe n'abahinzi yikubye kabiri iva kuri Toni 44,957 muri 2017, igera kuri Toni 96,371 muri 2023 mu gihe intego yari Toni 96,371. Imbuto z'indobanure zakoreshejwe n'abahinzi zikubye kabiri ziva kuri Toni 3,416 muri 2017, zigera kuri Toni 6,131 muri 2023 mu gihe intego yari Toni 7,050.
- Ubuso buhingishwa imashini bwikubye kabiri, buva kuri hegitari 35,000 muri 2017, bugera kuri hegitari 79,908 muri 2024.
- Ubuso bwuhirwa bwariyongereye buva kuri hegitari 48,508 muri 2017, bugera kuri hegitari 71,585 muri 2023 mu gihe intego yari ukuhira kuri hegitari 102,284 muri 2024.
- Umubare w'ubuhunikiro bw'imyaka wikubye gatatu uva kuri 153 muri 2017, ugera kuri 530 muri 2024. Umubare w'imashini zumisha umusaruro wikubye inshuro 4, aho zavuye ku 10 zikagera kuri 45. Ibyumba bikonjesha byariyongereye biva kuri kimwe muri 2017 bigera kuri 54.
- Amakusanyirizo y'amata yikubye kabiri ava kuri 56 muri 2017, agera kuri 134 muri 2023. Inganda zikora ibiryo by'amatungo zikubye hafi kabiri, zavuye kuri 4 muri 2017 zigera kuri 7 muri 2024.
- Ingano y'umusaruro w'indabo woherezwa mu mahanga wikubye kabiri, uva kuri Toni 416 muri 2017 ugera kuri Toni 845 muri 2023. Umusaruro w'imbuto wikubye gatatu uva kuri Toni 7,305 muri 2017 ugera kuri 21,953 muri 2024, mu gihe umusaruro w'imboga wikubye kabiri uva kuri Toni 22,988 muri 2017, ugera kuri Toni 51,689.
- Mu rwego rwo korohereza abahinzi n'aborozi kubona no gukoresha serivisi z'imari mu kuzamura umusaruro, hashyizweho gahunda y'ubwishingizi mu buhinzi n'ubworozi kugira ngo bifashe abahinzi n'aborozi kubona inguzanyo mu bigo by'imari.

- Mu rwego rwo korohereza abahinzi kubona ubwishingizi, hashyizwemo gahunda ya Nkunganire ingana na 40%, aho Ha 33,270 z'ibihingwa zimaze kwishingirwa, inka 43,508 n'andi matungo akaba yarafatiwe ubwishingizi.

Umutungo kamere

- Umusaruro w'amabuye y'agaciro wavuye kuri miliyoni 373 z'amadolari muri 2017 ugera kuri Miliyari imwe na Miliyoni ijana y'amadolari y'Amerika.
- Hubatswe inganda zitunganya amabuye y'agaciro 4: Hari urutunganya zahabu, gasegereti, coltan n'urundi rutunganya amabengeza.
- Hubatswe laboratwari ipima amabuye mu rwego rwo kugabanya ikiguzi cy'ubushakashatsi
- Hakozwe ubushakashatsi mu duce 24 tugagaragaza amahirwe yisumbuyeho ku mabuye asanzwe amenyerewe n'andi mashya akenewe ku isoko (nka lithium, n'amabengeza-Rare Earth Element).
- Ubuso buteyeho amashyamba bwageze kuri 65.9% (728,945Ha) buvuye kuri 29.8% (Ha 710,392) muri 2017. Hatewe ibiti by'imbuto ziribwa bisaga Miliyoni 4,8 mu Gihugu hose bivuye kuri 254,000 muri 2017.
- Amashyamba ya Leta amaze kwegurirwa abikorera hagamijwe kuyacunga no kuyongerera umusaruro ageze kuri 63.4% avuye kuri 14.1% muri 2017.
- Mu kurushaho kurinda abaturage no gukemura ikibazo cy'amazi aturuka mu birunga (Musanze na Burera), ibiraro 23 bifasha abaturage kwambuka imyuzi, imiyoboro y'amazi (water channels) ifite uburebure bwa Km 18, ibizenga 3 bifata amazi ku myuzi ya Muhabura na Nyarubande n'ibindi.

Kurengera ibidukikije

- Hashyizweho uburyo bunoze butuma ibikorwa byose mbere yo gutangira bigomba kubanza gukorerwa inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije (Environment Impact Assessment: EIA) kandi hakanagenzurwa iyubahirizwa ryabyo. Kuva mu 2017 kugeza mu 2023, imishinga y'iterambere igera ku 2,010 yabonye ibyangombwa by'inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije (Environment Impact Assessment : EIA).
- Hatangiye gushyirwa mu bikorwa imishinga minini irengera ibidukikije: (1) Green Gicumbi washowemo asaga Miliyari 28 z'amafaranga y' u Rwanda, uzatanga imirimo 30,000 ugere ku bagenerwabikorwa 380,000. (2) Amayaga atoshye (Green Amayaga) washowemo Miliyari 32 z'amafaranga y'u Rwanda, uzatanga imirimo 150,000 ugere ku bagenerwabikorwa basaga miliyoni imwe n'ibihumbi magana atatu (1.3 million).

2. IBYAGEZWEHO MU MIBEREHO MYIZA



2.1. Guteza imbere uburezi

- Hongerewe ibikorwa remezo by'amashuri aho ibyumba by'amashuri 27,412 byubatswe hiryu no hino mu gihugu. Ubu ibyumba byose birenga 76,000
- Amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro yarongerewe agezwa mu mirenga hafi ya yose (94%) mu gihugu ivuye ku mirenga 200 muri 2017.
- Ibikorwa remezo by'amazi, amashanyarazi na interineta byakomeje kugezwa mu mashuri menshi mu Gihugu. Amashuri afite amazi yavuye kuri 40% muri 2017 agera kuri 81.7%. Amashuri afite amashanyarazi yavuye kuri 48.4% muri 2017 agera kuri 80.9 muri 2023. Ubu amashuri afite interineta agera kuri 59.2% avuye kuri 21% muri 2017.
- Hongerewe umubare w'abaturimu mu byiciro byose by'amashuri harimo ay'incuke, abanza n'ayisumbuye. Umubare w'abaturimu wavuye kuri 71,041 muri 2017 ugera ku 110,523 muri 2023.
- Imibereho ya mwarimu yakomeje kwitabwaho binyuze mu kuzamura umushahara no kongera ubushobozi bwa Koperative Umwarimu SACCO.
- Gahunda yo kugaburira abana bose ku ishuri yageze ku mashuri yose.
- Hashyizweho amashuri y'icyitegererezo nka Rwanda Coding Academy n'andi mashuri makuru nka University of Global Health Equity (UGHE), African Leadership University (ALU), Rwanda Institute of Conservation Agriculture (RICA) n'ibigo bitanu by'icyitegererezo bikorera muri Kaminuza y'u Rwanda.



2.2. Guteza imbere ubuzima

- Hashyizweho gahunda zigamije kwegereza serivisi z'ubuzima abaturage harimo kongera ibikoresho n'imashini zikoreshwa mu buvuzi.
- Hubatswe ibitaro bitandatu: Byumba, Gatunda, Gatonde, Munini, Nyabikenke na Nyarugenge. Haguwe ibitaro bya Kabgayi na Kibogora, hubakwa ibitaro byimukanwa bya Nyamata n'ikigo cyihariye ku buzima bwo mu mutwe bya Kigali/Kinyinya.
- Hubatswe kandi ibigo nderabuzima bishya 12 mu turere 12 ndetse n'ibigo by'ubuvuzi bw'ibanze biriyongera hiryu no hino mu Gihugu bigera kuri 1,252 bivuye kuri 473 muri 2017.
- Hongerewe umubare w'abakora mu nzego z'ubuzima ndetse hashyirwaho gahunda yo kwigisha abafuraha bo ku rwego rwa A2. Iyi gahunda ubu yagejewe mu mashuri 7 mu Ntara zose.
- Mu rwego rwo guteza imbere imibereho y'abakora mu nzego z'ubuzima, hashyizweho Koperative Muganga SACCO.

- Hashyizwe imbaraga mu bwisungane mu kwivuza, ku buryo hejuru ya 90% by'Abanyarwanda bitabiriye ubwisungane na serivisi bagenerwa ziriyingere.
- icyizere cyo kubaho mu Banyarwanda cyariyongereye kigera ku myaka 69.6 kivuye ku myaka 66.6 (2017).
- Hashyizwe imbaraga mu kurwanya indwara zandura n'izitandura ndetse n'ibyorezo bidasanzwe nka COVID-19.
- Hashyizweho amavuriro, hanatangizwa gahunda zo gutanga ubuvuzi bwo ku rwego rwo hejuru ku ndwara zitandukanye nka kanseri (Butaro na IRCAD Africa), iz'amaso, gusimbuza impyiko n'izindi. Hubatswe kandi uruganda rukora inkingo rwa BionTech.



2.3. Kurengera abatishoboye no kurwanya ubukene

- Imiryango y'Abanyarwanda yahawe inka muri gahunda ya Girinka yavuye ku 297,230 muri 2017, igera ku 451,612 muri 2023.
- Gahunda ya VUP yashyizwe mu bikorwa hirya no hino mu mirenge aho abatishoboye bakomeje gufashwa mu buryo butandukanye.
- Ingo zisaga ibihumbi magana abiri harimo ababyeyi batwite abatishoboye n'abafite abana bari munsu y'umyaka ibiri, zahawe inkunga y'ingoboka.
- Mu kwita ku mikurire y'abana, hongerewe umubare w'amamarero y'abana bato aya kuri 4,109 agera kuri 31,444.
- Mu rwego rwo kunganira imirire y'abana bato n'ababyeyi batwite, kuva 2017 hatanzwe ifu ikungahaye ku ntungamubiri ingana na toni 42,000 yahawe abana barenga ibihumbi 100, n'ababyeyi barenga ibihumbi 40 buri mwaka
- Hafashijwe abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho 4,252 bubakiwe amazu ndetse 708 barasanirwa. Bafashijwe kandi kubona serivisi z'ubuzima n'uburezi.
- Hashyizweho Politiki igamije kurengera no kwita ku bageze mu za bukuru.



2.4. Guteza imbere siporo n'imyidagaduro

- Hubatswe Sitade Amahoro yongererwa ubushobozi kandi ishyirwa ku rwego mpuzamahanga aho yakira abantu 45,000 bavuye kuri 25,000.
- Hubatswe Kigali Arena yakira abantu ibihumbi icumi.
- Hubakwa sitade mu Turere twa Bugesera, Ngoma na Nyagatare zakira buri imwe abantu ibihumbi bitatu.

- Havuguruwe sitade ya Huye ishyirwa ku rwego mpuzamahanga n'iya Kigali yitiriwe Pele.
- Hubatswe kandi hanavugururwa ibibuga hirya no hino mu Gihugu bikinirwaho imikino itandukanye harimo umupira w'amaguru (Football), Cricket, Golf, Basketball, Volleyball, Handball, Tennis n'amagare (Cycling).
- Hashyizweho imishinga n'ubufatanye butandukanye bigamije guteza imbere impano za Siporo mu Rwanda ndetse no muri Afurika muri rusange. Aha twavugaga nka Gahunda ya Isonga, NBA Africa, Bayern Munich, Paris Saint Germain, Arsenal na Giants of Africa.
- Politiki ya Siporo mu mashuri yashyizweho kandi itangira gushyirwa mu bikorwa.
- U Rwanda rwakiriye amarushanwa atandukanye ku rwego mpuzamahanga kandi rutsindira kuzakira Amarushanwa y'isi y'amagare muri 2025.
- Siporo rusange yagejejwe mu Turere twose tw'igihugu.
- Hashyizweho Gahunda ya ArtRwanda-Ubuhanzi igamije gufasha urubyiruko rw'abahanzi rufite impano kuzikura no kuzibya umusaruro zitanga akazi ku rundi rubyiruko.

3. IBYAGEZWEHO MU MIYOBORERE N'UBUTABERA



3.1. Kwimakaza ubumwe bw'Abanyarwanda n'inshingano mboneragihugu

- Hakomeje ibikorwa byo gutoza no kwigisha Abanyarwanda b'ibyiciro byose, harimo n'ababa mu mahanga, indangagaciro n'umuco w'u Rwanda, binyuze mu Itorero ry'igihugu, Urugerero, mu mashuri no mu midugudu.
- Hakomeje kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa mu Banyarwanda binyuze muri gahunda ya Ndi Umunyarwanda, gushimira Abarinzi b'igihango no mu bukangurambaga mu nzego zose.
- Hakanguriwe abaturage cyane cyane urubyiruko, kugira uruhare mu bikorwa byo kwishakamo ibisubizo birimo Umuganda, guhashya icyorezo cya COVID-19, no gutabarana mu gihe cy'ibiza.
- Urubyiruko 1,280,000 rwitabiriye gahunda z'ubukorerabushake n'ubwitange hamwe n'ibikorwa by'umuganda wo kubakira abatishoboye.
- Hakomeje gahunda zishingiye ku muco wacu zo kwishakamo ibisubizo duhangana n'icyorezo cya COVID-19, hafashwa abo cyagizeho ingaruka, hubakwa amashuri n'amavuriro ku bufatanye n'abaturage.



3.2. Guteza imbere imiyoborere myiza no kwegereza abaturatione serivisi

- Hakozwe ubugenzuzi buhoraho ku mitangire ya serivisi mu bigo bya Leta, ibigo by'abikorera, imiryango nyarwanda itari iya Leta, imiryango mvamahanga itari iya Leta n'imiryango ishingiyeye ku myemerere hagamijwe kunoza serivisi mu nzego zose z'iterambere.
- Hatejwe imbere ikoreshwa ry'ikoranabuhanga muri serivisi zitandukanye zirimo kwishyurana, serivisi zitangwa n'inzego nyinshi zirimo n'izibanze binyuze ku rubuga rw'Irembo n'ahandi, aho Abanyarwanda banyurwa na serivisi z'Irembo ari 91.7%.
- Serivisi za Leta zitangirwa ku rubuga Irembo zirenga 104 zivuye kuri serivisi 56 muri 2017.
- Hanogejwe serivisi z'irangamimerere aho serivisi 9 zashyizwe mu buryo bw'ikoranabuhanga. Serivisi zo kwandika abavuka n'abapfa zegerejwe abaturatione ku buryo ubu bikorerwa kwa muganga no mu kagari
- Hashyizweho itegeko rigenga iyandikwa ry'abaturatione muri sisitemu imwe y'Igihugu y'indagamuntu koranabuhanga (Digital ID), hongerwaho uburyo bwo gusaba no gutanga indagamuntu muri za Ambassade ku Banyarwanda baba mu mahanga.
- Hakomeje guharanira ko umuturage agira uruhare mu bikorwa by'iterambere, aho abashima uruhare rwabo mu gufata ibyemezo bagera kuri 84%.
- Hubatswe ubushobozi bw'inzego z'ubugenzuzi bw'imari n'umutungo wa Leta, aho ubugenzuzi ku ikoreshwa ry'imari buri ku gipimo cya 91%.
- Hakomeje gushyira imbaraga mu ngamba zo kubaka umuryango hakemurwa ibibazo biwugariye, imiryango irenga 35,591 yabanaga mu buryo butemewe n'amategeko yarigishijwe isezera imbere y'amategeko.



3.3. Kwimakaza ubutabera, uburenganzira bwa muntu no kurwanya Jenocide

- Hakomeje kuvugurura amategeko yifashishwa n'ubucamanza hagamije kuyajyanisha n'igihe no kurushaho kubanisha neza Abanyarwanda.
- Hatangiye gushyirwa mu bikorwa Politiki y'Ubutabera mpanabyaha na Politiki yo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko.
- Hakomeje gahunda zigamije gukemura ibibazo n'amakimbirane mu muryango binyuze mu buryo bwo kwishakamo ibisubizo bushingiye ku muco wacu (Umugoroba w'Imiryango, MAJ, Abunzi n'izindi); Abunzi na MAJ bakemura ibibazo birenga ibihumbi 50,000 buri mwaka.
- Imikorere y'inzego z'ubutabera yaranogejwe ubu serivisi z'imanza zitangwa hifashishijwe ikoranabunga (IECMS).
- Hakomeje ingamba zo gukurikirana no guhana abagaragaweho ibyaha bya ruswa.

- Hakomeje kubungabunga ibimenyetso bya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994: hasanwe urwibutso rwa Murambi n'urwa Ntarama. Inzibutso za Jenoside za Kigali, Murambi, Bisesero na Nyamata zishyirwa mu murage w'isi wa UNESCO.
- Hakomeje ingamba zo gukurikirana no guhana abakoze ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abafite ingengabitekerezoya Jenoside n'andi macakubiri. Abagera kuri 13 barafashwe boherezwa mu Rwanda, naho 11 baburanishirijwe mu bihugu by'amahanga.
- Hanogejwe ibikorwa byo kugorora abahamwe n'ibyaha bari mu magororero, bahabwa ibikorwa byunganira igorora birimo amasomo y'imyuga n'ubumenyi ngiro (mu magororero 9), hagamiye kubashyirwa mu muryango mugari barahindutse, ku buryo bigirira akamaro bakakagirira n'Igihugu.
- Abashima Leta ku iyubahiriza ry'amategeko (Rule of Law) ni 88.89%. U Rwanda ruri ku mwanya wa mbere muri Afurika yo munsu y'ubutayu bwa Sahara mu kubahiriza amategeko (Rule of Law Index).



3.4. Guteza imbere ububanyi n'amahanga na dipolomasi

- U Rwanda rwafunguye ambasade nshya 13. Kugeza ubu, u Rwanda rukaba rufite ambasade 48 na konsila (consulate) imwe mu mahanga. Hagati ya 2017 na 2024, ibihugu 15 byafunguye ambasade nshya mu Rwanda, zigera kuri 44 muri rusange (harimo na konsila).
- Pasiporo Nyafurika yatangiye gukoreshwa. U Rwanda rworohereje abashyitsi baturuka mu bihugu bya Afurika n'ibindi by'amahanga kwaka visa bageze mu Rwanda, kandi ibihugu 62 na byo byorohereza Abanyarwanda babigenderera kubona visa bageze.
- U Rwanda ruri ku mwanya wa mbere muri Afurika mu korohereza abanyamahanga kwinjira mu Gihugu (African Visa Openness Index).
- U Rwanda rwakiriye inama mpuzamahanga zitandukanye harimo Inama y'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma biri mu Muryango wa Commonwealth (CHOGM) kandi runatorerwa kuwuyobora. U Rwanda kandi rwahawe kuyobora Umuryango w'Ibihugu bikoresha ururimi rw'Igifaransa (OIF), ndetse runahagarariwe mu yindi miryango ikomeye (UN Agencies, AU, ILO, etc).
- Hakomeje ubufatanye n'ibindi bihugu mu guharanira ubumwe bw'Abanyafurika n'iterambere ryabo rishingiye ku bufatanye, ubuhahirane biganisha ku kwigira no kugira ijamba kw'Afurika mu ruhando rw'Amahanga kandi umubare w'ibihugu biza kwigira ku Rwanda wakomeje kugenda wiyongera.
- Hasigasiwe gahunda eshatu z'umwimerere Nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo (Home Grown Solutions) arizo Abunzi, Imihigo n'Umushyikirano zandikwa ku rwego mpuzamahanga.

- Ihuriro ry'Urubyiruko "YouthConnekt Africa" ryatangijwe mu Rwanda muri 2017, ryaragutse ubu rimaze kugera mu bihugu 32 by'Afurika kandi rimaze kubera mu bihugu 3 (Rwanda, Kenya, Ghana).
- Hashishikarijwe Abanyarwanda baba mu mahanga kugira uruhare mu buvuzi bwihariye, gutanga umusanzu mu gusangiza abandi Banyarwanda ubumenyi ngiro bwihutisha iterambere n'ibindi.



3.5. Kubumbatira umutekano n'ubusugire bw'Igihugu

- Hakomeje kubumbatira umutekano w'abantu n'ibintu (Icyizere Abanyarwanda bafitiye inzego z'umutekano kiri kuri 96.92% kivuye kuri 92.6% muri 2017).
- Hakomeje ibikorwa by'ubufatanye n'inzego z'umutekano mu rwego rwo kwicungira umutekano no gukumira ibyaha.
- Habayeho imikoranire n'ibindi bihugu mu kugarura amohoro n'umutekano: ubu u Rwanda ni urwa kabiri ku Isi mu kugira ingabo zibungabunga amahoro mu bindi bihugu;
- Ingabo na polisi bagize uruhare mu bikorwa by'iterambere ry'Igihugu n'imibereho myiza y'abaturarwanda: bubatse ibikorwa remezo, inganda; bafashije mu guhashya icyorezo cya COVID-19, kuvura abaturage n'ibikorwa by'ubutabazi mu gihe cy'ibiza.
- Abasirikari n'abapolisi bari mu butumwa bw'amahoro bagize uruhare mu bikorwa by'iterambere n'imibereho myiza by'abaturage aho bari mu butumwa.
- Hashyizweho uburyo bw'ikoranabuhanga bujyanye n'igihe mu gucunga no kugenzura umutekano w'abantu n'ibintu.



3.6. Iterambere ry'itangazamakuru

- Umubare w'ibitangazamakuru byandika, Radiyo, na Televiziyo n'ibikorera kuri murandasi wakomeje kwiyongera biturutse ku mavugurura n'ibikorwa remezo bifasha itangazamakuru kwiyubaka. By'umwihariko, Radiyo na Televiziyo Rwanda byongerewe ubushobozi bwo kumvikana mu gihugu no hanze yacyo binyuze mu kubaka ikoranabuhanga rigezweho n'ibindi bikorwa remezo kandi bigira uruhare mu kwigisha abaturage no kubaha ijambo.
- Ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru byakomeje kongererwa ubushobozi binyuze mu mahugurwa buri mwaka, hagamijwe kuzamura imikorere ya kinyamwuga mu itangazamakuru no kugira uruhare rugaragara mu iterambere ry'Igihugu. Uruhare rw'itangazamakuru mu miyoborere myiza rugeze kuri 88%.



3.7. Imikoranye n'abikorera n'imiryango itari iya Leta

- Hakomeje gukorana neza n'abikorera, imiryango itari iya Leta, abikorera, imiryango ishingiyeye ku myemerere mu guteza imbere imiyoborere myiza, muri gahunda zo gufasha imiryango itishoboye, guteza imbere imikurire y'abana bato n'izindi gahunda.
- Hanogejwe imikorere y'urwego rw'abafatanyabikorwa mu iterambere mu Turere (JADF) kugira ngo abarugize barusheho kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu.



3.8. Iterambere ry'ibyiciro byihariye

- Hakomeje kwimakaza ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo, hakangurirwa abagore kwitinyuka no guhatanira imyanya ifata ibyemezo (ubu mu nzego nyinshi abagore n'abagabo bahagarariwe mu buryo bushimishije).
- Abagore n'urubyiruko cyane cyane abibumbiye mu makoperative bafashijwe gukora imishinga ibateza imbere binyuze muri gahunda zo guhanga umurimo.
- Hakomeje gushyigikira imishinga yihariye igamije guteza imbere urubyiruko irimo gusana imihanda, kurengera ibidukikije, ubuhinzi n'iyindi.
- Urubyiruko 686,619 rwizigamiye muri Gahunda ya Ejo Heza amafaranga angana na miliyari 5.



IBIKORWA BITEGANYIJWE 2024-2029

1. INKINGI Y'UBUKUNGU

Umuryango FPR-INKOTANYI ugamije kwihutisha iterambere ry'ubukungu rirambye, rigera kuri buri Munyarwanda wese, rishingiye ku ishoramari, ku bumenyi no ku mutungo kamere kandi hifashishijwe ikoranabuhanga rizezweho. Ni muri urwo rwego ibizakorwa bikubiye mu byiciro bikurikira:



Ubuhinzi
n'ubworozi



Inganda, Ubucuruzi,
n'Imicungire
y'Amakoperative



Guhanga imirimo
hibandwa ku
rubyiruko



Ikoranabuhanga
no guhanga
ibishya



Ibidukikije n'umutungo
kamere



Ubwikorezi



Iterambere
ry'imijyi
n'imiturire



Ingufu, amazi
n'isukura



Urwego rw'imari
n'ishoramari



Ubukerarugendo,
ubuhanzi
n'ubugeni



1.1. Guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi

- Hazavugururwa ubuhinzi n'ubworozi hagamijwe ubwiyongere bw'umugararo w'ubuhinzi n'ubworozi mu bukungu nibura ku kigero cya 8% buri mwaka.
- Hazatezwa imbere ubushakashatsi buzana ibisubizo ku bibazo abahinzi n'aborozi bahura nabyo mu mwuga wabo.
- Hazashyirwa imbaraga mu gufasha abagore n'urubyiruko gukora ubuhinzi n'ubworozi bya kinyamwuga.
- Hazongerwa imbaraga mu kwagura ubwishingizi mu buhinzi n'ubworozi
- Hazashyirwaho uburyo burambye bwo gusana ibikorwa byo kuhira n'ibindi bikorwa-remezo mu buhinzi n'ubworozi.
- Hazakomeza kongera umugararo w'ibyoherezwa mu mahanga hibandwa cyane ku bihingwa n'ubworozi dushobora kubonamo amahirwe kurusha ibindi.
- Hazakomeza gushyirwa imbaraga mu kongera agaciro k'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi biciye mu nganda.
- Hazashyirwa imbaraga mu korohereza abahinzi n'aborozi ndetse n'abashoramari b'imbere mu Gihugu kubona inguzanyo ihendutse, hitabwa cyane ku bagore n'urubyiruko. Inguzanyo ijya mu buhinzi izagera kuri 10.4% muri 2029 ivuye kuri 6% muri 2024.

By'umwihariko:

Mu buhinzi

- Hazashyirwaho uburyo bworohereza abahinzi kubona inyongeramusaruro zihagije kandi ku gihe.
- Hazongerwa umubare w'abahinzi bakoresha inyongeramusaruro z'imbuta n'ifumbire.
- Hazatezwa imbere ubuhinzi bukemura ibibazo by'imirire mibi binyuze muri gahunda yo gukwirakwiza ibihingwa bikungahaye ku ntungamubiri, ibiti by'imbuta ziribwa n'imboga.
- Hazavugururwa urwego rw'iyamamazabuhinzi (agriculture extension), hibandwa ku gukoresha urubyiruko n'abagore mu rwego rwo guhanga umurimo, no kongera uruhare rw'abikorera n'abandi bafatanyabikorwa.
- Hazongerwa imbaraga mu mikoreshereze y'imashini mu buhinzi (agriculture mechanization).
- Hazanozwa gahunda yo gukoresha ikoranabuhanga mu buhinzi (digital seed systems, use of drones, automated irrigation systems, etc.).
- Hazongerwa ubuso bwuhirwa mu byanya binini bitunganyijwe ndetse no ku butaka buhuje hagamijwe guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

- Hazongerwa ubuso burwanyijeho isuri hakoreshejwe amaterasi y'indinganire
- Hazakomeza kuvugurura ibiti by'ikawa zishaje mu rwego rwo kongera umusaruro w'ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga.
- Ku bufatanye n'abikorera, hazashyirwaho uburyo buhoraho bwo guhunika umusaruro w'ibiribwa by'ibanze no kubuza itumbagira ry'ibiciro.
- Ku bufatanye n'abikorera, hazongerwa ubuso bw'ubutaka buhujwe kandi bukoresha inyongeramusaruro ku gipimo kiri hejuru, n'izindi ngamba zigabanya ibihombo ku ishoramari (large scale farming).

Mu bworozi

- Hazashyirwa imbaraga mu gukwirakwiza icyororo cy'amatungo maremare n'amagufi hagamijwe kuzamura umusaruro.
- Hazongerwa inganda z'ibiryo by'amatungo, hanashyirweho inganda nto n'iziciriritse zitunganya ibikomoka ku matungo no guteza imbere amasoko y'ibikomoka ku matungo.
- Hazatezwa imbere ubworozi bw'amafi n'ubuvumu.



1.2. Guteza imbere inganda, ubucuruzi, n'imicungire y'amakoperative

Inganda

- Hateganyijwe ko izamuka ry'umusaruro w'inganda rizaba nibura 13% buri mwaka kugera muri 2029.
- Hazakomeza gahunda yo gutunganya ibyanya by'inganda aho byagenwe.
- Hazongerwa ubushobozi bw'inganda zisanzwe zitunganya ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi hibandwa cyane ku kongerera agaciro ibicuruzwa imbere mu Gihugu no ku masoko mpuzamahanga.
- Hazashyirwaho nibura izindi nganda eshatu (3) zikora imiti n'ibikoresho bindi bikoresheka kwa muganga (pharmaceutical industries).
- Hazashyirwaho uruganda rutunganya Lithium hagamijwe kuyongerera agaciro mbere y'uko yoherezwa mu mahanga, hananozwe imutunganyirize y'andi mabuye y'agaciro nka Gemstones.
- Hazashyirwaho uruganda rukora ibikoresho bikozwe mu ibumba (Ceramics), amakaro n'ibindi.

- Hazashyirwaho uruganda ruteranya imodoka zikoresha amashanyarazi.
- Hazashyirwaho uruganda rukora ibyo gupfunyikamo bitabangamiye ibidukikije (Home Compostable Packaging Materials).
- Hazashyirwaho uruganda rukora ibirahure byifashishwa mu bwubatsi n'amacupa yifashishwa mu nganda zitunganya ibinyobwa hagamijwe kugabanya ibitumizwa hanze.
- Hazongerwa ubushobozi bw'inganda eshatu (3) zinagura (Recycling) zikanavugurura ibikoresho byakozwe muri pulasitiki.
- Hazashyirwaho uruganda rw'imyenda rukora ibitambaro (Fabrics) n'ibindi bikoresho byifashishwa n'izindi nganda zikora imyenda.
- Hazashyirwaho uruganda rutunganya impu (Tannery Park) kugira ngo rufashe izindi nganda zishamikiyeho zizajya zikora inkweto n'ibindi bikoresho bikomoka ku mpu.
- Hazitabwaho kuzamura ubushakashatsi bugamije guteza imbere inganda bushingiye ku ikoranabuhanga rigezweho (4th Industrial revolution).

Ubucuruzi

- Hazoroherezwa abikorera kugeza ibicuruzwa ku masoko mpuzamahanga hazamurwa ireme ry'ubuziranenge bw'ibikorera mu Gihugu.
- Hazatezwa imbere ubuhahirane bw'u Rwanda na Africa hibandwa ku mahirwe atangwa n'Isoko rusange rya Africa (AfCFTA).
- Ku bufatanye n'abikorera, hazubakwa ahazajya hakorerwa imurikagurisha mpuzamahanga ku rwego rw'Igihugu (International Exhibition center).
- Mu rwego rwo korohereza ubucuruzi bw'ibikomoka kuri peteroli na gazi, hazongerwa ibigega by'ububiko bw'ibikomoka kuri peteroli na gazi.
- Hazubakwa isoko rinini riranguza ibiribwa mu Mujyi wa Kigali (Kigali Wholesale Market for Fresh Produce).
- Hazubakwa nibura amasoko mato 30 yo kugurishirizaho umusaruro ukomoka mu turere ku mihanda minini yo mu Gihugu (National roads).
- Hazongererwa ubushobozi abagore n'urubyiruko mu kwitabira amasoko ya kijyambere yubatswe ku mipaka, hagamijwe ko bakora ubucuruzi bwambukiranya imipaka bwemewe kandi buteye imbere.

Amakoperative

- Hazavugururwa hanongererwe ubushobozi Ikigo cy'Igihugu cy'Amakoperative (RCA) mu rwego rwo kurushaho guteza imbere amakoperative no gukurikirana imikorere yayo.
- Hazongerwa umubare w'amakoperative agizwe n'abantu bari mu byiciro byihariye no gutanga amahugurwa ku miyoborere myiza y'amakoperative.

- Hazashyirwaho uburyo bwo kujya herekanwa amakoperative bandebereho y'icyitegererezo bityo bigafasha kwereka izindi koperative uburyo na zo zagera ku rwego rwiza rw'iterambere n'imikorere myiza itanga umusaruro wifuzwa.



1.3. Guhanga imirimo mishya hibandwa ku bagore n'rubyiruko

- Ku bufatanye n'abikorera, hazahangwa nibura imirimo 250,000 buri mwaka hagamijwe kongera umusaruro no kuzamura ubukungu.
- Hazakomeza gushyirwa imbaraga mu guteza imbere ubumenyi ngiro hagamijwe kongera ireme ry'ubumenyi bukenewe ku isoko ry'umurimo no koroherezwa kwihangira imirimo, harimo nk'indimi ndetse n'ubumenyi mu ikoranabuhanga.
- Hazongerwa imbaraga mu korohereza ibigo bito n'ibiciritse (MSMEs) kubona igishoro, kongererwa ubumenyi bwo gucunga imishinga hagamijwe kongera imirimo.
- Hazashyirwaho uburyo bwo kongera imirimo itangwa n'imishinga minini iri mu ngeri zitandukanye z'imirimo hashingiwe ku mahirwe y'ubukungu ahari (e.g., Bugesera Airport, Nyagatare Milk Plant, Amahoro Stadium).
- Hazashyirwaho uburyo bworoshya ihererekanya ry'amakuru ku batanga akazi n'abagashaka.
- Hazatezwa imbere ubufatanye bugamije kongera ubumenyi n'amahirwe y'akazi ku isoko ry'umurimo mu Gihugu, mu karere no mu Mahanga binyuze muri dipolomasi ishingiye ku bukungu.
- Hazakomeza kuvugurura gahunda zo guteza imbere imishinga y'ikoranabuhanga na siyansi hagamijwe guhanga ibishya bitanga imirimo.
- Hazongerwa imbaraga mu guhanga imirimo ya serivisi zambukiranya imipaka, iy'ikoranabuhanga ndetse n'iyi mu nganda z'ubuhanzi.
- Hazongerwa ubumenyi hibandwa cyane cyane ku nzego z'ubukungu zikurikira: (i) gukora inkingo n'ibikoresho byo kwa muganga, (ii) amahoteri n'ubukerarugendo, (iii) ubwikorezi bwo mu kirere (aviation skills), (iv) kongerera agaciro ibikomoka ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, (v) serivisi zambukiranya imipaka (Global Business Services) (vi) gucunga imari n'amafaranga (Financial sector) (vii) kongerera agaciro ibituruka ku musaruro w'ubuhinzi n'ubworozi, (viii) gukoresha ikoranabuhanga rigezweho, (ix) kubyaza umusaruro inganda z'ubuhanzi n'izindi.
- Hazongerwa ubushobozi amahuriro y'abanyamwuga n'abatanga ubumenyi (sector skills councils) kugira ngo abikorera bafatanye n'abatanga ubumenyi kumenya no kwibanda ku bikenewe ku isoko ry'umurimo.
- Hazongerwa amahirwe ku rubyiruko yo kubona aho bimenyereza umwuga no kwigira ku murimo binyuze mu bufatanye hagati y'inzego za Leta n'izabikorera.



1.4. Guteza imbere ikoranabuhanga no guhanga ibishya

- Hazongerwa ubumenyi bw'abaturage mu gukoresha ikoranabuhanga (digital literacy) ku Banyarwanda bose ntawusigaye inyuma.
- Hazagezwa serivisi zose ku baturage hakoreshejwe ikoranabuhanga mu nzego za Leta ndetse no kuzamura umubare w'izitangwa n'ibigo by'abikorera.
- Hazakomeza gufasha Abanyarwanda kubona serivisi n'ibikoresho by'ikoranabuhanga bihendutse bikazagera kuri benshi.
- Hazakomeza gutezwa imbere no kuba kw'isonga ku mugabane w'Afurika mu ikoresha ry'ikoranabuhanga rigezweho mu gutanga serivisi (Ubucuruzi, Inganda, Ubuzima, Ubuhinzi, Amashuri n'Ubumenyi, Ubutabera, Imiyoborere myiza n'Umuco).
- Hazubakwa ikibuga cy'indege zitagira abapilotes (Drones), hanatezwe imbere ikoresha ry'ikoranabuhanga rishingiye ku bwenge nkorano (Artificial Intelligence).
- Hazongerwa umubare w'ibigo na serivisi zifasha ba rwiyezamezimirimo bagitangira imishinga y'ikoranabuhanga ibyara inyungu (Innovation Centers) hose mu Gihugu.
- Hazubakwa ikigo cy'ikitegererezo kizafasha mu kubyaza umusaruro amashusho y'ibyojajuru kugira ngo yunganire izindi nzego nk'ubuhinzi, kurwanya ibiza ndetse no kunoza imiturire mu miji.
- Hazubakwa ibikorwa remezo bizafasha kunoza imitangire ya serivisi ijyanye n'ibyojajuru mu Rwanda ndetse no mu karere ko munsu y'ubutayu bwa Sahara.
- Hazatanga indangamuntu koranabuhanga nshya ifite ikoranabuhanga rigezweho (Single Digital ID). Iyi ndangamuntu nshya izahabwa Abanyarwanda bose ndetse n'abantu bose bemerewe gutura mu Rwanda, ikazanoroshya uburyo bwo kubona serivisi zose zitangwa kuri murandasi.
- Hazongerwa ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga nk'iminari n'imiyoboro migari y'itumanaho (fiber) mu Gihugu hose, bizifashishwa mu gutanga itumanaho rihuta kandi rikora neza ku kigero cya 100%.
- Hazatangizwa hanagurwe serivisi y'itumanaho na murandasi inyaruka yo mu bwoko bwa 5G, hanongerwe umubare w'ahantu haboneka murandasi idakoresha umugozi ku buntu (free-wifi).
- Ku bufatanye n'abikorera, hazubakwa ubundi bubiko bw'icyitegererezo mu kubika amakuru y'ikoranabuhanga, buzatanga serivisi mu Rwanda n'akarere (Cloud and High Computing Data Center).
- Hazahugurwa umubare munini w'inzobere/abahanga mu ikoranabuhanga bo ku rwego rwo hejuru, bazafasha guteza imbere ikoranabuhanga mu Gihugu ndetse no gukorera ibindi bihugu (ICT services and knowledge export).



1.5. Kubungabunga ibidukikije n'umutungo kamere

- Umusaruro uturuka mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro (ku mwaka) uzazamuka ugere kuri Miliyari 1.8 USD uvuye kuri Miliyari 1.1 USD muri 2024
- Hazakomeza kunozwa uburyo bwo gucunga amashyamba hakoreshwa ikoranabuhanga.
- Hazaterwa ibiti bisaga miliyoni 300 mu Gihugu kugeza muri 2029, hongerwa ibiti gakondo, hanegerezwa abaturage ingemwe ku kagari.
- Hazashyirwa imbaraga mu gutera ibiti bivangwa n'imyaka, iby'imbuta ziribwa n'ibirimbisha imijyi.
- Hazongerwa imbaraga mu bukungurambaga n'amahugurwa bigamije kuzamura imyumvire y'abaturage n'inzego zose za Leta n'abikorera kugira ngo bite ku micungire n'imikoreshereze myiza y'ubutaka no kubahiriza ibishushanyo mbonera. Hazakomeza gutezwa imbere uburyo bwo korohereza abaturage kubona amakuru ku butaka bwabo.
- Hazakomeza kunozwa imitangire ya serivisi z'ubutaka ku buryo byorohera abaturage kuzibona vuba kandi hafi (zero trip, zero paper) no gufasha mu gukemura amakimbirane abushingiyeho.
- Hazihutishwa ishyingirwa mu bikorwa ry'imishinga ijyanye no kurwanya imyuzure hibandwa cyane mu bice by'Amajyaruguru n'iburengerazuba, n'ahandi hakunda kwibasirwa n'ibiza.
- Hazongerwa imbaraga n'ubushobozi mu mishinga igamije kubungabunga ibyogogo no kurwanya isuri, ndetse no kurinda inkengero z'imigezi n'ibiyaga. Ubuso bwose buteganiywe kurwanyaho isuri buzagera kuri Ha 300,000.
- Hazongerwa ubushobozi bwo kubika no gusaranganya amazi akenewe mu bikorwa by'iterambere birimo kuhira imyaka, gutanga amazi meza ku baturage, amashyamba, ubworozi, inganda, n'ibindi.
- Hazongerwa ishoramari rirengera ibidukikije kugira ngo hagabanuke imyotsi ihumanya ikerere ku kigero cya 38%.
- Hazabungabungwa ibishanga n'ibiyaga n'inkengero za byo no kubibanza umusaruro mu buryo butangiza ibidukikije, harimo gushyiraho igishushanyo mbonera gicukumbuye cy'ibishanga mu Gihugu kugira ngo bikoreshwe neza no gutunganya ibishanga 5 byo muri Kigali, igishanga cya Mukungwa n'ibindi byihutirwa byakorewe inyigo.
- Hazashyirwa mu bikorwa imishinga y'imijyi irengera ibidukikije, haherewe ku mushinga wa Green City Kigali.
- Hazashyirwaho ikusanyirizo rya kijambere (storage, disposal and recycling facility) ritunganyirizwamo imyanda ihumanya ikomoka ku binyabutabire no kubaka ubushobozi bw'imicungire y'imyanda ihumanya ikomoka ku binyabutabire (hazardous waste).

- Hazongerwa imbaraga muri serivisi z'iteganyagihe hagamijwe korohereza umuturage n'izindi nzego kubona amakuru y'iteganyagihe ku gihe mu buryo bworoshye amufasha mu iterambere ry'ibikorwa bye.
- Mu rwego rwo kubaka ubudahangarwa no guhangana n'ingaruka ziterwa n'ibiza bituruka ku mihindagurikire y'ibihe, hazongerwa imbaraga mu bukangurambaga, kwigisha, hanozwe uburyo bwo kuburira abatwaga hifashishijwe ikoranabuhanga, kugira ubwishingizi bw'ibikorwa remezo rusange no gutabarira ku gihe abagizweho ingaruka z'ibiza.
- Hazakorwa ubushakashatsi bucuwubuyemo mu Gihugu hose kugira ngo hamenyekane ingano, ubwoko n'ubwiza bw'umutungo nyakuri w'amabuye y'agaciro, kariyeri, peteroli na gazi n'uburyo bwo kuwucunga neza no kuwubuyaza umusaruro.
- Hazanozwa uburyo bwo gukoresha neza umutungo w'amazi n'ibiti bikenerwa mu bucuwuzi. Hazasubiranywa ahakorewe ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro hagaragara ko hatanzwe gukoreshwa mu bucuwuzi.
- Hazongerwa imbaraga mu kubahiriza umutekano (safety safeguards) w'abakora mu bucuwuzi bw'amabuye y'agaciro.



1.6. Guteza imbere ubwikorezi

- Hazubakwa kandi hasanwe Km 806 z'imihanda ku rwego rw'igihugu harimo: Umuhanda mugari uzengurutse Umujyi wa Kigali (Kigali Ring Road), Umuhanda Base-Kirambo-Butaro (Km 63), Umuhanda Ngoma-Nyanza (Km 130), Umuhanda Giti cy'inyoni-Ruli-Rushashi-Gakenke (Km 67) n'Umuhanda Nyacyonga-Mukoto (Km 40).
- Hazubakwa kandi hasanwe Km 285 z'imihanda mu Mujyi wa Kigali n'indi mijyi.
- Hazubakwa kandi hasanwe Km 1,626 z'imihanda y'imigenderano (feeder roads) hibandwa ku mihanda ijya mu mirima y'icyayi n'amakaragiro y'amata ndetse no mu turere dufite imihanda mibi kurusha utundi.
- Hazubakwa kandi hasanwe ibiraro 200 hibandwa kubyangijwe n'ibiza ndetse n'ibishaje.
- Hazubakwa ibyambu bitatu (Rusizi, Karongi na Nkora muri Rutsiro) ku kiyaga cya Kivu.
- Hazakomeza kunozwa gahunda yo gutwara abantu mu buryo bwa rusange hitabwa ku ngengabihe (Scheduled public transport) harimo na serivisi z'ikoranabuhanga mu mujyi wa Kigali, hagati y'imijyi no mu byaro.

- Ku bufatanye n'abikorera hazakomeza gushyirwa imbaraga mu gukoresha uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu buhangana n'ihindagurika ry'ibihe (green Transport).
- Hazarangizwa kubaka ikibuga cy'indege mpuzamahanga i Bugesera.
- Hazagurwa kandi hasanwe ikibuga cy'indege cya Musanze n'icya Rubavu.
- Hazongerwa ibyerekezo RwandAir ikoreramo mu rwego rwo kwagura ubuhahirane n'imigenderanire hagati y'u Rwanda n'ibindi bihugu.
- Hazongerwa umubare w'abagenzi bakoresha RwandAir wikube kabiri.
- Hazanzwza serivisi yo gutwara imizigo hakoresheshwe indege zabugenewe (Cargo planes).
- Hazubakwa ishuri ry'icyitegererezo ryigisha ubumenyi bwo gutwara indege no gucunga ibibuga byazo (Centre of Excellence for Aviation Skills -CEAS) rizafasha kongera abafite ubwo bumenyi mu Rwanda no mu Karere.



1.7. Iterambere ry'imijyi n'imiturire

- Hazakomeza kunozwa imiturire hubakwa ibikorwa remezo by'ibanze, hatuzwa neza ingo zari zituye mu tujagari n'ahantu hashobora gushyira ubuzima bw'abantu mu kaga.
- Mu mijyi, ku bufatanye n'abikorera, hazubakwa amazu hagamijwe korohera Abanyarwanda kubona amacumbi aciriritse yo kugura cyangwa gukodesha.
- Mu cyaro, hazakomeza gufasha ingo gutura neza hagamijwe gushishikariza Abanyarwanda gutura muri site z'imidugudu.
- Hazubakwa imiyoboro y'amazi y'imvura (drainage systems) mu rwego rwo kurwanya no gukumira imyuzure.
- Hazarangizwa ibishushanyo mbonera by'imikoreshereze y'ubutaka by'uturere twose, ndetse hanakorwe igenzura mu buryo buhoraho ry'uko bishyirwa mu bikorwa.
- Hazihutishwa gukora ibishushanyo mbonezamiturire (detailed urban physical plans) mu Mujyi wa Kigali, imijyi igaragiye n'iyunganira Kigali, hanatunganywe site 78.
- Hazihutishwa ibishushanyo mbonezamiturire mu cyaro hanatunganywe site 416.



1.8. Kongera ibikorwa remezo by'ingufu, amazi n'isukura

- Hazakomeza gukwirakwiza amashyamba mu ngo, ku mavuriro n'amashuri, ndetse no ku bindi bikorwa bigamije iterambere ry'abaturarwanda; ijanisha ry'amashyamba rizava kuri 76.3% rigere ku 100% muri 2029.
- Hazongerwa ingano y'amashyamba hanibandwa ku ngufu zisubira (Renewable Energy) mu rwego rwo gushyigikira iterambere rirambye.

- Hazongerwa umubare w'ingo zikoresha ubundi buryo bwo guteka butangiza ibidukikije hibandwe no ku bigo binini nk'amashuri, n'iby'inzego z'umutekano.
- Hazakomeza gukwirakwizwa amazi meza hagamijwe kuyegereza ingo ku gipimo cya 100%.
- Hazakomeza kunozwa serivisi y'amazi mu bice by'icyaro binyuze mu kubaka no kubungabunga ibikorwa remezo by'amazi.
- Hazubakwa ibikorwa remezo by'isukura 6 (Liquid waste Sanitation Facilities) hitabwa ku nganda zitunganya amazi yanduye harimo uruganda rutunganya amazi yanduye mu Muji wa Kigali (Kigali Centralized sewerage system).
- Hazubakwa ibikorwa remezo by'isukura 5 (Solid waste Sanitation Facilities) hitabwa ku bimoteri bigezweho harimo n'icya Nduba.



1.9. Guteza imbere urwego rw'imari n'ishoramari

- Hazazamurwa umubare w'Abanyarwanda basobanukiwe neza kandi bazi imikoreshereze ya serivisi z'imari bagere kuri 90% bavuye kuri 71.4% muri 2020.
- Hazakomeza gahunda zigamije kugeza serivisi z'Imari ku Banyarwanda bose.
- Hazongerwa imbaraga muri gahunda yo kwishyurana no kohererezanya amafaranga ishingiyeho ku ikoranabuhanga mu Gihugu no hanze y'igihugu.
- Hazongerwa umubare w'Abanyarwanda bafite imyaka y'ubukure kandi bakoresha serivisi z'imari mu buryo bwanditse bagere kuri 95% bavuye kuri 77% bariho muri 2020.
- Hazahurizwa hamwe Imirenge SACCO yose hakoreshejwe ikoranabuhanga, hashyirweho SACCOS ku rwego rw'Akarere ndetse na Banki y'amakoperative hagamijwe kongera ubushobozi no kunoza serivisi zitangwa ku muturage.
- Hazanozwa uburyo bwo guhanga serivisi z'imari n'iz'ubwishingizi bunogeye Umunyarwanda winjiza amafaranga make kandi bujyanye n'umurimo akora.
- Abanyarwanda bafite imyaka y'ubukure bafite konti mu bigo by'imari bazikuba kabiri bave kuri Miliyoni 2.5 bagere kuri Miliyoni 5.
- Hazakomeza gushishikariza Abanyarwanda gahunda zo kwizigamira hagamijwe kongera ubwizigame (kugera kuri 28% by'umusaruro mbumbe w'igihugu bitarenze umwaka wa 2029) mu Gihugu nk'imwe mu nkingi z'ubukungu butajegajega.
- Hazakomeza gushishikariza Abanyarwanda gukoresha serivisi z'ibigo by'ubwishingizi hagamijwe kubungabunga imitungo yabo.
- Hazakomeza gutezwa imbere isoko ry'imari n'imigabane hongerwa uburyo butandukanye bwo kureshya ishoramari ryo mu Gihugu no hanze, rizafasha ibigo n'abantu ku giti cyabo kubona amafaranga yo gukora imishinga y'iterambere.

- Hazafashwa ndetse hanongererwe ubushobozi abagore n'abakobwa ku bijyanye no gutegura imishinga ibyara inyungu no gukorana n'ibigo by'imari.
- Hazakomeza gahunda zitandukanye zigamije kugira u Rwanda icyerekezo cy'ishoramari n'igicumbi cy'imari (investment destination and financial hub)
- Hazongerwa ubushobozi bwo kureshya imari ikoreshwa mu kurushaho kubungabunga ibidukikije no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe (green finance, climate finance).



1.10. Guteza imbere ubukerarugendo, ubuhanzi n'ubugeni

- Umusaruro uturuka mu bukerarugendo uzazamuka ugere kuri Miliyari 1.1 USD uvuye kuri Miliyoni 495 USD muri 2024.
- Hazatezwa imbere ubukerarugendo, hagamijwe kongera umusaruro ukomoka kuri uru rwego ukava kuri miliyoni magana atandatu na makumyabiri (USD 620M) muri 2024 ukazagera hafi kuri miliyari imwe na miliyoni ijana (USD 1,100M) y'amadorari y'Amerika muri 2029.
- Hazongerwa ibisurwa na ba mukerarugendo hibandwa ku bikorwa by'ubukerarugendo bushingiye ku kwidagadura (holiday/leisure/adventure), ku mateka, umuco n'umurage (History, Culture and Heritage Tourism), ku migirire n'imibereho gakondo (Community based tourism) n'imyemerere (Faith-Based/Religious Tourism), no ku buhinzi n'ubworozi (agro-tourism).
- Hazashyirwaho ingamba na gahunda byo guteza imbere ubukerarugendo bushingiye kuri serivisi z'ubuzima bunoze (wellness tourism) n'ubuvuzi (medical tourism) ndetse n'uburezi (educational tourism).
- Hazashyirwaho ikigo cy'icyitegererezo mu gutanga ubumenyi no kongera ubunyamwuga mu gutanga serivisi zijyanye no kwakira abashyitsi n'inzego zitandukanye zijyanye n'ubukerarugendo, amahoteli na resitora.
- Hazatezwa imbere ubukerarugendo bushingiye ku kwakira inama mpuzamahanga (MICE), imikino n'imyidagaduro (Sports and Entertainment), hagamijwe kuzamura umusaruro uturuka kuri uru rwego ukava kuri miliyoni ijana n'esheshatu z'amadolari (USD 106M) muri 2024, ukagera hafi kuri miliyoni magana abiri na mironko itandatu n'enye z'amadolari y'Amerika (USD 264M) muri 2029.
- Hazashyirwaho ingamba zigamije guhanga inama n'amakoraniro mpuzamahanga bishya bishingiye ku mwimerere w'u Rwanda (Home grown events).
- Hazongerwa umusaruro ukomoka ku bukerarugendo bukorerwa muri pariki z'igihugu ugenerwa imishinga iteza imbere abatariye za pariki no kugabanya ibibazo biterwa n'inyamaswa, ukava kuri miliyari eshanu y'amafaranga y'u Rwanda (Frw 5Bn) ukazaba ugeze kuri miliyari icyenda (Frw 9 Bn) mu mwaka wa 2029.

- Hazakomeza gushyirwa imbaraga mu kunoza imicungire y'indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima hatezwa imbere ubushakashatsi n'ubufatanye n'abikorera, hanashyirweho ikigo cyigenga cyo gucunga urusobe rw'ibinyabuzima (Rwanda Conservation Company).
- Hazashyirwaho uburyo bw'ikoranabuhanga buzafasha mu kubungabunga no kubyaza umusaruro ibihangano nk'umutungo bwite w'abahanzi.
- Hazongerwa imbaraga mu gufasha no gutera inkunga ibikorwa bigamije guteza imbere abari mu nganda z'ubuhanzi n'imirimo ibushamikiyeho, by'umwihariko iy'urubyiruko
- Hazongerwa ibikorwa remezo biteza imbere ubuhanzi hirya no hino mu Gihugu (aho kwitwaga, guhangira, guserukira, gukorera cyangwa kwerekana ubuhanzi mu ngeri zitandukanye).

2. INKINGI Y'IMIBEREHO MYIZA

Umuryango RPF-Inkotanyi ugamije kugira Umunyarwanda ufite ubuzima bwiza, ubumenyi n'ubushobozi bwo kwiteza imbere no guteza imbere Igihugu cye mu muryango utekanye kandi urangwa n' indangagaciro z'umuco w'u Rwanda. Ni muri urwo rwego ibizakorwa bikubiye mu byiciro bikurikira:



Uburezi



Ubuzima



Isuku n'isukura
mu ngo



Kurwanya ubukene
no gufasha
abatishoboye



Umuryango



Imbonezamikurire
n'uburenganzira
bw'abana bato



Iterambere
rya siporo



Umuco
n'indangagaciro



2.1. Guteza imbere uburezi

- Hazongerwa umubare w'abanyeshuri bimuka bava mu cyiciro kimwe bajya mu kindi (transition rate), kandi hazamurwe ubumenyi bw'ibanze ku banyeshuri bo mu mashuri abanza (foundational skills); binyuze mu kongera umubare n'ubushobozi by'abarimu, integanyanyigisho, imfashanyigisho ndetse n'ibikorwa remezo.
- Hazarushaho kubaka ubushobozi bwa mwarimu mu byiciro byose hibandwa cyane cyane ku mahugurwa, kongera ireme ry'imibereho n'iterambere ry'umwuga wo kwigisha.
- Hazavugururwa gahunda zigishwa hibandwa ku bumenyi n'ubumenyi ngiro bigezweho, hanakorwe imfashanyigisho zigezweho, hagamijwe kubaka Umunyarwanda ushoboye, ufite ubumenyi bw'ibanze mu ndimi kandi ufite ubushobozi bwo guhangana ku isoko ry'umurimo mu Gihugu no mu mahanga.
- Hazongerwa ibyumba by'amashuri, harimo n'ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga, n'ibifasha abafite ubumuga mu byiciro byose (Incuke, Abanza, Ayisumbuye na TVET).
- Hazatezwa imbere ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu kwiga no kwigisha mu byiciro byose by'amashuri.
- Hazongerwa amashuri y'icyitegererezo mu byiciro bitandukanye hagamijwe kurushaho gushyira uburezi bw'u Rwanda ku rwego mpuzamahanga.
- Hazongerwa umubare w'amashuri y'incuke, abana bayitabira n'abarimu bize kwigisha muri icyo cyiciro.
- Mu mashuri abanza n'ayisumbuye, hazongerwa umubare w'amasaha yo kwiga ku munsu, hagabanywe ubucucike ndetse n'ingendo ndende zikorwa n'abanyeshuri bava cyangwa bajya ku ishuri.
- Hazatezwa imbere imyigishirize ya tekiniki mu mashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro, hashyirwaho gahunda zigishwa zigezweho, hanongerwa ibikoresheho n'imfashanyigisho. Hazongerwa amashuri y'icyitegererezo (nibura rimwe muri buri Karere).
- Hazarushaho kurwanya ikibazo cy'abana bata ishuri binyuze mu bukangurambaga n'ikurikirana bihoraho mu guhangana n'impamvu zaba izituruka mu muryango no ku ishuri. Ibi bizakorwa binyuze mu bufatanye buhoraho n'ibikorwa by'inzego zose;
- Hazongerwa imbaraga muri gahunda yo kugaburira abana ku ishuri.
- Hazatezwa imbere ubushakashatsi muri za kaminuza, amashuri makuru n'ibindi bigo, hagamijwe guteza imbere ubukungu bushingiye ku bumenyi no guhindura u Rwanda isangano rya za kaminuza n'ibigo bikora ubushakashatsi.

- Hazatezwa imbere ikoreshwa ry'ikoranabuhanga muri kaminuza hitabwa ku masomo ya Siyansi n'imibare. Amashuri makuru azongererwa ubushobozi, hanashyirweho gahunda zigishwa zijyanye n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo mu Rwanda no mu mahanga, by'umwihariko ikoranabuhanga rigezweho n'indimi.
- Hazongererwa imbaraga amashuri y'abakuze (adult education) hongerwa abarimu babihuguriwe, hanavugururwa gahunda zigishwa;
- Hazashyirwaho uburyo bwo kongerera no guhindurira abakuze ubumenyi n'ubumenyingiro hagamijwe kubategurira gukora imirimo igezweho mu Rwanda no mu mahanga.



2.2. Guteza imbere ubuzima

- Hazavugurura urwego rw'abajyanama b'ubuzima bongererwe ubushobozi babashe gutanga serivisi z'ubuvuzi zegereye abaturage, hanashyirweho icyiciro cy'abajyanama b'ubuzima b'abanyamwuga bunganira amavuriro mato.
- Hazakomeza kongerwa umubare w'abakozi bo kwa muganga barimo abaforomo, ababyaza, abakora imyuga ishamikiye ku buvuzi, abaganga b'inzobere mu byiciro bitandukanye; binyuze mu gutangiza porogaramu nshya z'amasomo y'ubuvuzi no kongerera ubushobozi bwo kwakira abanyeshuri muri kaminuza zitandukanye, hanatezwe imbere imibereho myiza yabo.
- Hazongerera ubushobozi bw'abakozi bo mu nzego z'ubuzima, hitabwa ku gukoresha ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi hamwe no gukoresha ubuhanga bugezweho bukoresha ubwenge bukorano mu kunganira abatanga serivisi z'ubuvuzi.
- Hazubakwa ibitaro bya Muhororo, Gisenyi, na Masaka; hanavugururwe ibitaro bitandukanye harimo ibya: Ruhengeri, Kabgayi, Kacyiru, Nyagatare, Nyarugenge, Ibitaro bya Kaminuza bya Butare, Kibagabaga, Muhima, Ikigo cy'Ubushakashatsi ku ndwara zandura, Ibitaro byihariye bivura indwara z'umutima, Ibitaro byitiriwe Umwami Fayisali, n'Ibitaro bya Gisirikari by'u Rwanda.
- Hazongererwa ubushobozi ibigo nderabuzima 14 byo hira no hino mu gihugu bishyirwe ku rwego rw'ibigo nderabuzima bitanga serivisi zo ku rwego rwa dogiteri (Medicalized health center).
- Abana bakingirwa bazazamuka bavuye kuri 96% bagere kuri 99%.
- Ababyarira kwa muganga baziyongera bavuye kuri 93% bagere kuri 99%.
- Igwingira ry'abana rizarwanywa hagamijwe ko rigabanuka rikava kuri 33% rikagera kuri 15%.

- Hazabungabungwa ubuzima bw'ababyeyi n'abana hagamijwe ko:
 - Imfu z'ababyeyi bapfa babyara zigabanuka kuva kuri 203 kugera kuri 60 ku bana 100,000 bavutse ari bazima;
 - Imfu z'impinja nazo zigabanuka kuva 19 kugera ku 10 ku bana 1,000 bavutse ari bazima;
 - Imfu z'abana bataragera ku myaka itanu zigabanuka kuva kuri 45 kugera kuri 20 ku bana 1,000 bavutse ari bazima.
- Hazakomeza gukumira no kubaka ubushobozi bwo guhangana n'indwara zitandukanye harimo n'ibyorezo. Hazashyirwa imbaraga mu gukangurira abantu bose bihereye ku bakiri bato akamaro ko gukora imyitozo ngororamubiri, kurya indyo yuzuye, kwirinda inzoga zikabije n'ibiyobyabwenge.
- Hazatezwa imbere ubuvuzi bw'indwara zihariye, hashyirwaho ibigo n'amavuriro bitanga serivisi zigezweho z'ubuvuzi bwihariye (Kanseri, Umutima, Impyiko, ubuvuzi bw'abageze mu zabukuru n'ibindi), hanatezwa imbere ubukerarugendo bushingiye kuri serivisi z'ubuzima bituma u Rwanda ruhinduka igicumbi cy'ubuvuzi bwihariye mu karere.
- Hazashyigikirwa abashoramari n'ibigo bigamije guteza imbere inganda zikora imiti n'ibikoresho byifashishwa mu buvuzi.
- Hazatezwa imbere serivisi zita ku buzima bwo mutwe zigere kuri bose. Hazongerwa serivisi zijyanye n'ubujyanama n'ubuvuzi by'ubuzima bwo mu mutwe, hanongerwe ubukangurambaga bwo guhashya impamvu zitera ubwiyongere bwabyo.
- Hazarushaho kubaka ubushobozi no kunoza imikorere ya serivisi z'ubwishingizi bw'ubuzima. Ubwisungane mu kwivuzza buzongererwa ubushobozi bubashe kongera umubare w'indwara n'imiti byishingirwa.



2.3. Kwimakaza isuku n'isukura mu ngo

- Mu kwimakaza umuco w'isuku haba ku mubiri, mu ngo ndetse n'ahahirira abantu benshi, hazongerwa ibikorwa n'ubukangurambaga bigamije kwimakaza isuku n'isukura mu ngeri zitandukanye z'Abaturarwanda haherewe ku bakiri bato, ndetse hananzwa imikorere y'amatsinda y'isuku.



2.4. Kurwanya ubukene no gufasha abatishoboye

- Hazakomeza gufasha abatishoboye barokotse Jenocide yakorewe Abatutsi mu bikorwa bigamije imibereho myiza yabo hagamijwe kubafasha kwigira no guhangana n'ingaruka za Jenocide. Bazafashwa mu buvuzi, uburezi, inkunga y'ingoboka, imishinga y'iterambere n'amacumbi.

- Hazakomeza gushyirwa mu bikorwa gahunda ikomatanyije yo gukura abaturage mu bukene cyane cyane mu ngo ziyobowe n'abagore no kubafasha kwigira (imirimo ya VUP, imyuga, amatungo magufi, inguzanyo ku nyungu nto n'ubujyanama no kubaherekeza mu mishinga ibyara inyungu)
- Hazakomeza gufasha abaturage batishoboye hatangwa inkunga y'ingoboka n'ubundi bufasha bukenewe (abageze mu zabukuru, abafite ubumuga n'abamugariye ku rugamba).
- Hazasigasirwa ubukungu bw'abikuye mu bukene kugira ngo badasubira inyuma binyuze mu kuzamura ubushobozi bw'abajyanama b'imibereho myiza n'iterambere, no gukangurira Abanyarwanda kwitabira gahunda z'ubwiteganyirize harimo Ejo Heza.
- Hazarushaho kuzamura imibereho myiza y'abageze mu zabukuru, hanozwa serivisi zibagenerwa harimo ubwiteganyirize n'ubuvuzi bwihariye (Geriatrics).



2.5. Iterambere ry'umuryango

- Hazarushaho kongererwa ubumenyi abitegura gushyingirwa bategurwa ku nshingano z'urugo no ku burere buboneye bw'abana. Hajyeho na gahunda yo guherekeza ingo mu gukomeza kubaka umuryango utekanye kandi ushoboye.
- Ku bufatanye bw'inzego, abikorera na sosiyete sivile, hazarushaho gukorwa ubukangurambaga n'inyigisho zigamije kwigisha inshingano z'urugo, imyitwarire myiza, ibyateza urugo imbere nko kwizigamira, gukemura amakimbarane mu muryango n'ibindi.
- Hazakomeza gahunda zo gufasha abahohotewe no kubasubiza mu buzima busanzwe, hibandwa ku kongerera ubushobozi ibigo bya Isange One Stop Center ndetse n'ababikoreramwo.
- Hazongerwa imbaraga mu kurwanya no gukumira ingeso mbi mu rubyiruko harimo ubusinzi n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge, kurwanya i kwirakwiza rya virusi itera SIDA no kurwigisha ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere hagamijwe gukumira inda ziterwa abangavu .



2.6. Imbonezamikurire n'uburenganzira bw'abana bato

- Hazongerwa umubare w'ingo mbonezamikurire y'abana bato, hananzwe imikorere yazo harimo kubaka ubushobozi bw'abarezi no guhugura abayobozi n'ababyeyi ku ruhare rwabo
- Hazanzwe imbonezamikurire y'abana hitabwa cyane ku minsi igihumbi ya mbere y'ubuzima (kuva umwana agisamwa kugeza ku myaka ibiri).
- Hazakomeza gahunda yo kurerera abana bose mu muryango no kunoza imikorere y'Urwego rw'Inshuti z'Umuryango.
- Hazarwanywa imirire mibi n'igwingira mu bana, hashyirwaho uburyo buhoraho bufasha imiryango kugira ubumenyi n'ubushobozi ku bijyanye no konsa, gutegura indyo yuzuye n'ibindi bibafasha kwita ku mikurire n'imirire y'umwana.



2.7. Iterambere rya siporo

- Hazatanzwe imbere siporo mu bato no kugeza impano zabo ku bunyamwuga mu byiciro byose, hashyirwaho amashuri y'icyitegererezo yigisha siporo hira no hino mu Gihugu binyuze mu mikoranire n'abafatanyabikorwa b'imbere no hanze y'igihugu.
- Hazashyigikirwa amakipe y'igihugu mu byiciro byose no mu mikino itandukanye hagamijwe kugera ku musaruro ukwiye.
- Hazashyirwaho uburyo bunoze bwo gukurikirana ibikorwa bya Siporo mu Gihugu no kurushaho gufasha amakipe y'igihugu gutegura, kwitabira hagamijwe kwegukana amarushanwa ku rwego mpuzamahanga.
- Hazubakwa kandi hanagurwe ibikorwa remezo bya siporo bitandukanye harimo za sitade ziri ku rwego mpuzamahanga, ibibuga n'ibindi.
- Hazakomeza gahunda yo guhanga no gusana nibura ikibuga kimwe muri buri kagari, no gushyiraho ibyanya bya siporo n'imyidagaduro hira no hino mu gihugu, harimo n'imikino Gakondo ndetse n'iy'abafite ubumuga.



2.8. Guteza imbere ubuhanzi, gusigasira umuco n'indangagaciro Nyarwanda

- Hazashyirwaho gahunda zigamije guteza imbere inganda z'ubuhanzi mu byiciro binyuranye cyane cyane biherereye mu bakiri bato; binyuze mu mashuri, ibigo by'urubyiruko n'ahandi
- Hazashyirwaho gahunda zo gufasha kubaka ingaga z'abahanzi zihamye kandi zikora neza; hagamijwe kubyaza umusaruro impano z'ubuhanzi n'indi mirimo ibushamikiyeho.
- Hazongerwa ibikorwa byo kubungabunga Ikinyarwanda, indangagaciro n' umuco w'u Rwanda by'umwihariko hakoreshejwe ikoranabuhanga

3. INKINGI Y'IMYOBORERE N'UBUTABERA

Umuryango FPR-INKOTANYI ugamije gukomeza kubaka Igihugu kigendera ku mategeko, kizira ruswa n'akarengane, gifite imiyoboreye idaheza kandi ishingiyeye ku muturage, gifite inzego zishoboye, zitanga serivisi zinoze kandi zihutisha iterambere. Ni muri urwo rwego ibizakorwa bikubiye mu byiciro bikurikira:



Ubukangurambaga,
ubumwe
bw'Abanyarwanda
n'ishingano
mboneragihugu



Imiyoboreye no
kwegereza abaturage
serivisi



Ubutabera,
uburenganzira
bwa muntu no
kurwanya Jenocide



Ububanyi
n'amahanga na
dipolomasi



Umutekano
n'ubusugire
bw'Igihugu



Iterambere
ry'itangazamakuru



Imikoranye
n'abikorera
n'imiryango itari iya
Leta



Ibyiciro byihariye



3.1. Kwimakaza ubumwe bw'Abanyarwanda n'inshingano mboneragihugu

- Hazakomeza kwimakaza ubumwe bw'Abanyarwanda, ubwizerane n'ubudaheranza binyuze muri gahunda ya Ndi Umunyarwanda n'izindi.
- Hazakomeza gutoza Abanyarwanda bose, abari mu Gihugu n'abari mu mahanga umuco wo gukunda Igihugu, inshingano mboneragihugu, indangagaciro nyarwanda na kirazira binyuze mu Itorero ry'Igihugu, Urugerero, mu mashuri no mu midugudu.
- Hazakomeza kunoza imikorere y'itorero ry'Igihugu hagamijwe kubaka Umunyarwanda urangwa n'indangagaciro na kirazira kandi ubereye Igihugu.



3.2. Kwimakaza imiyoborere myiza no kwegereza abaturage serivisi

- Hazakomeza kwegereza abaturage ubuyobozi na serivisi zinoze no kubakemurira ibibazo ku gihe kandi mu buryo bunoze.
- Hazakomeza kongera uruhare rw'abaturage mu ifatwa ry'ibyemezo, igenamigambi, ishyingira mu bikorwa n'isuzuma rya gahunda z'iterambere.
- Hazakomeza kunoza imikorere n'imikoranire mu nzego zose, imikoranire n'abafatanyabikorwa n'ibyiciro bitandukanye hagamijwe kwihutisha iterambere.
- Hazakomeza kwimakaza imiyoborere myiza itanga amahirwe ku Banyarwanda bose n'ibyiciro byihariye (Abantu bafite ubumuga, Abana n'abandi).
- Hazakomeza kubaka no kongerera ubushobozi inzego zose (Leta, imiryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere, Sendika, amakoperative n'abikorera) kugirango zirusheho gutanga serivisi zinogeye umuturage.
- Hazakomeza gushyiraho uburyo buhamye bwo gutegura no guhugura abayobozi n'abakozi hagamijwe kubaka ubunyamwuga mu nzego zose.
- Hazakomeza kubaka, gusana ibikorwa remezo by'inzego za Leta zitangirwamo serivisi no kuziha ibikoresheho bigezweho cyane cyane inzego zegereye abaturage.
- Hazakomeza gucunga neza imari n'umutungo, gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano hagamijwe kwihutisha iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza.
- Hazakomeza gutoza Abanyarwanda umuco wo kubaha umutungo w'Igihugu no kuwubungabunga.
- Hazakomeza kunoza ikurikiranabikorwa, ubugenzuzi, n'isuzumabikorwa by'imishyamba na gahunda za Leta hagamijwe ko bigera ku ntego.



3.3. Kwimakaza ubutabera, uburenganzira bwa muntu no kurwanya Jenocide

- Hazakomeza gushyiraho no guhuza n'igihe amategeko n'amabwiriza hagamijwe gutanga ubutabera buboneye, bushingiye ku muco nyarwanda kandi bushyigikiye iterambere.
- Hazakomeza gushyira imbaraga mu bikorwa bigamije gusobanurira abaturage amategeko no gutanga ubujyanama n'ubufasha mu by'amategeko hitabwa ku byiciro byihariye (abana n'abatishoboye).
- Hazakomeza kongera ubushobozi bw'inzego z'ubutabera no gushyira imbaraga muri gahunda zo gukumira no gukemura amakimbirane na bimwe mu byaha hatisunzwe inkiko, bigabanye umubare w'imanza zicibwa n'inkiko, bitugeze ku butabera bunoze kandi bwihuse.
- Hazakomeza gukurikirana no guhana abakoze ibyaha, kubagorora, kubigisha ubumenyi n'ubumenyingiro, hagamijwe kubasubiza mu muryango mugari (community) barahindutse mu myitwarire kandi bashoboye kwigirira akamaro no kukagirira Igihugu.
- Hazakomeza gushyiraho uburyo bwo kugena abakwiriye gufungurwa by'agateganyo no gukurikirana imyitwarire yabo n'imibereho kugirango bafashwe kudasubira mu byaha.
- Hazakomeza kongera imbaraga mu guca akarengane no kurangiza imanza zabaye ntakuka.
- Hazakomeza gukaza ingamba mu gukumira, gutahura, gukurikirana no guhana abakora ibyaha birimo ruswa n'ibifitanye isano na yo.
- Hazakomeza gukaza ingamba zo gukumira no guhana ihohotera iryo ari ryo ryose cyane cyane irikorera abagore, abana, urubyiruko, abafite ubumuga n'abandi bafite intege nke.
- Hazakomeza gushyiraho ingamba zigamije gukumira ibyaha uherye mu burere n'uburezi buhabwa abana bato, ku bufatanye n' inzego zireberera umuryango, amashuri, imiyoborere n'imibereho y'abaturage.
- Hazakomeza gutoza Abanyarwanda kumenya no kubungabunga uburenganzira bwabo n'umuco wo kubaha ubw'abandi.
- Hazakomeza gushimangira uburyo bwo gukurikirana ihungabana ry'uburenganzira bwa muntu, kuburengera no guhana ibikorwa bibuhungabanya.
- Hazakomeza kunoza ingamba zifasha abantu bose bifuzwa gutahuka mu gihugu gutaha.
- Hazakomeza guteza imbere imikoranire n'ubufatanye n'ibindi bihugu mu kubungabunga Uburenganzira bwa Muntu haba ku Banyarwanda cyangwa abanyamahanga hagamijwe kurengera ikiremamuntu.

- Hazakomeza gukumira, kurwanya, kwamagana ingengabitekerezo ya Jenoside aho yagaragara mu Rwanda n'ahandi hose ku isi.
- Hazakomeza gushakisha, gukurikirana no guhana abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 no guhana abagaragaweho ingengabitekerezo ya Jenoside.
- Hazakomeza gukora ubuvugizi mu bihugu by'amahanga hagamijwe ubufatanye mu bikorwa byo kuzirikana umunsi ngarukamwaka wo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.
- Hazakomeza gukumira ivangura iryo ari ryo ryose, amacakubiri n'indi migirire yahungabanya ubumwe bw'Abanyarwanda.
- Hazashyirwaho uburyo buboneye bugamije kwigisha Abanyarwanda bakiri bato amateka kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 hitabwa ku buryo buborohera kuyumva no kuzirikana amasomo bavanamo.



3.4. Guteza imbere ububanyi n'amahanga na dipolomasi

- Hazakomeza gutsura umubano, guteza imbere ubutwererane n'ubuhahirane n'ibihugu by'amahanga, mu karere, ku mugabane w'Afurika n'ahandi ku isi hagamijwe kwagura inyungu zishingiye kuri icyo mibanire kandi zishimangira kwigira..
- Hazakomeza gutanga umusanzu mu guharanira amahoro n'umutekano, iterambere n'ubufatanye n'ibindi bihugu binyuze mu masezerano tugirana nabyo.
- Hazakomeza guteza imbere umuco wo kwigiranaho n'ibihugu by'amahanga hagamijwe gusangira ubunararibonye mu iterambere no gushaka ibisubizo ku bibazo biriho.
- Hazakomeza kwigisha Abanyarwanda baba mu mahanga umuco, amateka na gahunda by'igihugu no kubashishikariza kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu binyuze mu ishoramari no gusangiza abandi Banyarwanda ubumenyi bwihariye.



3.5. Kubumbatira umutekano n'ubusugire bw'igihugu

Hazakomeza:

- Kubaka inzego z'umutekano zikomeye zihabwa ubushobozi bugezweho buzifasha gukomeza kubumbatira ubusugire bw'igihugu no kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu.
- Guteza imbere ubufatanye hagati y'inzego z'umutekano n'abaturage mu kwirindira umutekano, gukumira, gutahura ibyaha bitarakorwa no kubitangaho amakuru ku gihe.

- Kubaka ubushobozi bw'inzego z'umutekano no kwagura imikoranire yazo n'izo mu bindi bihugu hagamijwe kurwanya ibyaha mpuzamahanga n'ibyambukiranya imipaka.
- Kuzamura uruhare rw'inzego z'umutekano mu bikorwa n'imishinga bigamije iterambere n'imibereho myiza y'abaturage mu Rwanda n'ahandi hose ziri mu butumwa.



3.6. Iterambere ry'itangazamakuru

- Hazakomeza kunoza politiki, ingamba, n'amategeko bigenga itangazamakuru hagamijwe guhuza n'igihe umwuga w'itangazamakuru.
- Hazakomeza gushyigikira itangazamakuru ry'umwuga, ryubaka, rifite ibikorwa remezo bihagije, ridaheza, ryigenga, riteza imbere abarikora kandi rigira uruhare mu iterambere ry'umuturage n'iry'igihugu muri rusange.
- Hazakomeza kongerera ubushobozi ibitangazamakuru n'abanyamakuru mu buryo butandukanye kugira ngo bashobore gukora umurimo wabo kinyamwuga.
- Hazakomeza gushyiraho ingamba zo kongerera ubushobozi abaturage mu gusesengura amakuru, kuyabyaza umusaruro no kuborohera kubona ibikoresho bibafasha kubona no gutanga amakuru.



3.7. Imikoranire n'abikorera n'imiryango itari iya Leta

- Hazakomeza guteza imbere ubufatanye hagati ya Leta, abikorera, Sosiyete Sivili (Imiryango itari iya Leta, Imiryango ishingiyeye kumyemerere, Fondasiyo, sendika) mu guhuza igenamigambi, ishyirwa mu bikorwa n'ikurikirana bikorwa bya gahunda ziteza imbere umuturage.
- Hazakomeza gufasha Imiryango itari iya Leta, ishingiyeye ku myemerere n'amakoperative kunoza imikorere, imiyoborere no kwikemurira amakimbirane.
- Hazakomeza kubaka ubushobozi bw'ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) hanozwa imikoranire yayo n'Uturere kugira ngo irusheho kugira urahe mu iterambere ry'igihugu.
- Hazakomeza guharanira kugira Sosiyete Sivili ikora kinyamwuga, yigenga, yigize kandi izana impinduka nziza ku mibereho y'umuturage.



3.8. Iterambere ry'Ibyiciro byihariye

- Mu guteza imbere umuryango n'ibyiciro byose ntawe usigaye inyuma, hazongerwa imbaraga mu guteza imbere uburinganire hagati y'abagore n'abagabo mu nzego zose mu ifatwa ry'ibyemezo, gutegura imihigo, gushyiraho za politiki na gahunda bishingiye ku makuru yita ku ihame ry'uburinganire (gender disaggregated data), Abanyarwanda bahabwe amahirwe angana, hanatezwa imbere umuco wo kuzamura abafite intege nke.



UMWANZURO

Muri iyi myaka irindwi ishize, u Rwanda rwageze ku bikorwa byinshi bishimishije mu byiciro bine byubakiye gahunda za Leta, ari byo: Ubukungu, Imibereho myiza y'abaturage, Imiyoborere myiza n'Ubutabera. Ibi byose byagezweho bishingiye ku migabo n'imigambi by'Umuryango FPR-INKOTANYI utigeze utezukahaho, kandi wakomeje kuba ku isonga mu guharanira ko ibyo bikorwa bigerwaho.

Muri iyi myaka itanu itaha (2024-2029), Umuryango FPR-INKOTANYI urifuza ko u Rwanda rukomeza gukataza mu iterambere kandi rizamura imibereho myiza y'abaturage ku buryo Igihugu cyacu kizarushaho kwihutisha iterambere ry'ubukungu rirambye, rigera kuri buri Munyarwanda wese, rishingiye ku ishoramari, ku bumenyi no ku mutungo kamere kandi hifashishijwe ikoranabuhanga rigezweho.

Ibyo bizashoboka kuko Umuryango RPF-INKOTANYI ugamije kugira Umunyarwanda ufite ubuzima bwiza, ubumenyi n'ubushobozi bwo kwiteza imbere no guteza imbere Igihugu cye mu muryango utekanye kandi urangwa n'indagagaciro z'umuco w'u Rwanda. Nk'uko ari ihame, Umuryango FPR-INKOTANYI uzakomeza kubaka Igihugu kigendera ku mategeko, kizira ruswa n'akarengane, kizira ihohotera rikorerwa abagore, abana n'urubyiruko, gifite imiyoborere idaheza kandi ishingiyeye ku muturage, gifite inzego zishoboye, zitanga serivisi zinoze kandi zihutisha iterambere.

Bityo rero, Umuryango FPR-INKOTANYI uzakomeza kubakira ku migabo n'imigambi yawo, kugira ngo ugeze ku Banyarwanda iterambere ryihuse kandi rirambye. Hazibandwa kandi kugira Umunyarwanda ushoboye kandi ufite icyizere cyo kubaho, kandi urangwa n'umuco wo kwihesha agaciro, kwigira no gusigasira ibyagezweho.



”

***Tugire Igihugu gitekanye,
gikungahaye, cy'abaturage
babayeho neza.***



UBUMWE

DEMOKARASI

AMAJYAMBERE

    RPF Inkotanyi

E-mail: info@rpfinkotanyi.rw
Website: www.rpfinkotanyi.rw
BP: 195, Kigali Rwanda